(4) i)

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**
**B.P 3445 - KIGALI.**

**Kigali, kuwa** 04/10/1999
**N°.**121/07.02/**03/99**

**CONFIDENTIEL**

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
**KIGALI**.

**IMPAMVU** : Kwirukana ku kazi
Bwana **GATEMBA Alexandre**
Burugumesitiri wa Komini BICUMBI.

Nshingiye kuri raporo y'igenzura ryakozwe muri Komini BICUMBI n'ubuyobozi bubishinzwe muri Minisiteri nyobora ;

Nshingiye na none kuri raporo mwakorewe n'ubuyobozi bukuru bw'ibiro by'iperereza muri Serivisi muyobora nange nkagenerwa kopi ;

Nasabaga ko inama y'Abaminisitiri ya vuba yakwiga iyi dosiye ikirukana ku kazi Bwana **GATEMBA Alexandre** Burugumesitiri wa Komini **BICUMBI** kubera impamvu zikurikira :

1. Gukoresha no gucunga nabi umutungo wa Komini urimo amafaranga n'ibikoresho nk'imodoka. Kubera iyo mpamvu ubuyobozi bwa Komini ntagikorwa cy'amajyambere gifatika bwari bwageza kubaturage bayo kandi ubundi Komini ifite ubushobozi.

2. Kudashishikarira gucyemura ibibazo by'abaturage. Ibyo bituma havuka amakimbirane hagati y'abaturage ashingiye ku kibazo cy'itsembatsemba n'intsembabwoko. Hari n'ibibazo bishingiye kumitungo bitajya birangizwa. Mu bibazo byinshi aregwa havugwamo na Ruswa.

3. Gutanga akazi no gucunga nabi abakozi ba Komini. Atanga akazi akurikije cyenewabo ari nako Burugumesitiri yirukana ku kazi abakozi bose yumva bamubangamiye mu makosa akora mu mirimo ashinzwe.

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, nkuko Mubibona iriya Komini icyeneye ubuyobozi buharanira inyungu z'abaturage.

Mugire Amahoro.

**NYANDWI J. Désiré**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu.**

**BIMENYESHEJWE** :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
- **KIGALI**.
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika, akaba na Minisitiri w'Ingabo
- **KIGALI**.
- Madamu, Bwana Minisitiri ( Bose ) – **KIGALI**.
- Madamu, Bwana Sekereteri wa Leta ( Bose ) - **KIGALI**.

# RAPORO Y'IGENZURA RYA KOMINI BICUMBI YA KIGALI -NGALI

## IRIBURIRO

Iryo genzura ryakozwe kuva kuwa 2/06/1999, kugeza kuwa 9/7/1999 na Komisiyo yari igizwe n'abakozi bakurikira :

Abaturutse muri Perefegitura ya KIGALI - NGALI :

- MUGABO Faustin : Superefe ushinzwe Ubukungu na Tekeniki.
- SEMATUNGO Samweli : Umugenzuzi w'Imari za Komini muri Perefegitura ya KIGALI - NGALI .
- NSENGIYUMVA Charles : Umugenzuzi w'Imari za Komini muri Perefegitura ya KIGALI - NGALI
- MUKIGA Bernard : Umukozi wa Perefegitura ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage.

Abaturutse muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu

- KANAMUGIRE Joseph : Umukozi wo mw'Ishami ry'Ubugenzuzi bw'imari z'Uturere.
- MURINDABIGWI Raphaël : " " "
- RUHAYA John : Umukozi wo mw'Ishami ry'Ubugenzuzi bw'Ubutegetsi
- RUTAYITERA Charles : " " "

## I. IBYEREKEYE UBUCUNGAMARI BWA KOMINI

Imirimo y'Ubucungamari bwa Komini ikorwa na NTEZIYAREMYE François hamwe na INGABIRE Claire ukora imirimo y'Ububitsi babiyobowemo na Burugumesitiri GATEMBA Alexandre.

Igenzurwa rya nyuma ryakozwe kuwa 3/9/1998.

## IGENZURA-MALI

Kuri 2/06/1999, twasanze mu isanduku ya Komini amafaranga angana na :53.520 Frw, twasanze kuri compte BCR n° 0000 674-01-67 amafaranga angana na :1.711.099Frw.

Imali ya Komini kuri iyo taliki ni 1.711.099Frw + 53.520 Frw=1.764.619Frw
Twagombaga gusanga Imari ya Komini ingana na :1.919.191Frw (cfr AVOIR)
Hagaragaye rero ***IGIHOMBO*** kingana na :1.919.191 Frw - 1.764.619Frw =154.572 rw.

### A. UMWANZURO W'IBYANDITSWE MU GITABO CY'UMUCUNGAMARI

**Avoir**

| | |
|---|---|
| Ayinjiye | : 65.857.224 |
| Ayasohotse | : 63.938.033 |
| Ayasigaye | : 1.919.191 |

**Isanduku**

| | |
|---|---|
| Ayinjiye | : 58.315.113 |
| Ayasohotse | : 58.107.027 |
| Ayasigaye | : 208.092 |

**Banki**

| | |
|---|---|
| Ayinjiye | : 8.142.111 |
| Ayasohotse | : 6.431.012 |
| Ayasigaye | : 1.711.099 |

### INYANDIKO MVUGO Y'IGIHOMBO CYAGARAGAYE MW'ISANDUKA YA KOMINI BICUMBI.

Umwaka w'igihumbi magana cyenda mirongo icyenda n'icyenda umunsi wa kabiri w'ukwezi kwa KAMENA (2/06/1999), twebwe, abagize Komisiyo yavuye muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu hamwe n'abo kuri Perefegitura ya KIGALI - NGALI (urasanga amazina hepfo) dufatanyije n'umucungamari wa Komini, tumaze kubona amafaranga yinjiye n'ayasohotse mu isanduka no muri Banki ya Komini, hagaragaye ibi bikurikira :

| **Avoir** | | **Isanduka** | |
|---|---|---|---|
| Ayinjiye | :65.857.224 | Ayinjiye | :58.315.113 |
| Ayasohotse | : 63.938.033 | Ayasohotse | : 58.107.021 |
| Ayasigaye | : 1.919.191 | Ayasigaye | : 208.092 |

**Banki :**

Ayinjiye : 8.142.111
Ayasohotse : 6.431.012
Ayasigaye : 1.711.099

Amafaranga yagaragaye mu isanduka ku italiki yavuzwe haruguru angana na: 53.520Frw.
Duteranije iriya mibare yavuzwe haruguru, twasanze harabaye igihombo mu isanduka cy'amafaranga ibihumbi ijana na mirongo itanu na bine magana atanu na mirongo irindwi n'abiri y'amanyarwanda (154.572frw).

Niyo mpamvu dushyizeho umukono, twemeza inyandiko-mvugo yanditswe ku italiki, ukwezi n'umwaka byavuzwe hejuru.

| | |
|---|---|
| **Umucungamari wa Komini** | **Burugumesitiri wa Komini** |
| **NTEZIYAREMYE François** | **GATEMBA Alexandre** |

**Abagize Komisiyo**

| | |
|---|---|
| MUGABO Faustin | KANAMUGIRE Joseph |
| SEMATUNGO Samuel | MURINDABIGWI Raphael |
| NSENGIYUMVA Charles | RUHAYA John |
| MUKIGA Bernard | RUTAYITERA Charles |

## II. IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA KOMINI BICUMBI

Icungamari rya Komini BICUMBI rirakorwa, uretse ko hari ibyo turinengaho :

1. Raporo zidatangirwa igihe
2. Gusohora amafaranga menshi batabiherewe uruhushya na Perefegitura
3. Ingengo y'imari ya Komini ntabwo yubahirizwa cyane cyane mugusohora amafaranga.
4. Imyenda myinshi Komini ibereyemo abantu : 3.664.884Frw
5. Imikoreshereze y'imodoka za Komini idasobanutse :

Komisiyo yasanze BICUMBI ifite imodoka zikurikira :

- Kamyo Benne : RR 12.62 A ikodeshwa
- MINIBUS HIACE : RR 15.98 A ikora taxi
- MINIBUS HIACE : R 17.53 A Ambulance
- TOYOTA HILUX SIMPLE CABINE : RR 0670 A itwara Bourgmestre. mu mirimo ya Komini
- TOYOTA HILUX DOUBLE CABINE : RR 0915 A yakoze impanuka irangirika.

## Imikoreshereze y'izo modoka

Kamyo Benne RR 12.62 A, yaguzwe ku mwenda wa BCDI ku mafaranga 15.000.000Frw ariko nta mpapuro twabonye zibyerekana. Amafaranga ikorera bayishyura uwo mwenda, ariko ntayinjiye mu mutungo wa Komini. Burugumesitiri niwe wishyura, Kontabure nta ruhare abigiramo.

Amakosa twasanze Kontabure akora n'uko iyo bamuzaniye « bordereau de versement » ayinjiza mu gitabo cya Kontabilite nkaho ari Recette yakiriye n'ubwo yongera akayasohora.Twasanze ko aho kwinjiza amafaranga muri Komini, ahubwo iyo Camion itangwaho amafaranga menshi : twavuga nko kuyisanisha, kuyigurira amavuta, guhemba umushoferi n'andi mafaranga ayitangwaho avuye mu mutungo wa Komini. Ubu ikaba igeze aho umushoferi ayitwara akajya gushakisha amafaranga kandi kuri Komini agatanga ayo abonye kuko ntakiba cyerekana ayo yakoreye. Ubu imaze gutangwaho amafaranga menshi mu buryo bukurikira :

- 250.000Frw yavuye ku musanzu w'abaturage wari watanzwe kubaka amashuri .
- 7.080.000Frw yaturutse mu mutungo wa Komini
- 6.298.288Frw yavuye kuyo yakoreye ubwayo.

**Yose hamwe ni 13.628.288Frw.**

- **Minibus Hiace** : RR 15.98 A : Ikora nka taxi n'ukuvuga ko itwara abagenzi kuva Bicumbi - Kigali no kugaruka. Yaguzwe n'amafranga yatanzwe n'abaturage y'umusanzu. Bavuga ko yaguzwe amafaranga 3.000.000Frw uretse ko nta mpapuro bashoboye kutwereka zibihamya akaba yaravanze n'aya Komini, nti twashoboye kuyatandukanya.

- **Minibus Hiace RR 1753 A (Ambulance) :**
  - Iyi yaguzwe amafaranga y'umusanzu w'abaturage angana : 4.044.656 Frw, ni ukuvuga igiciro cyayo 3,300.00+744.656 y'amahoro ya gasutamo.

- Komisiyo yashoboye kubona urupapuro rw'igurishwa ry'agateganyo, ngo uwo bayiguze nawe akaba yarishyuwe amafaranga ye yose.
- Nyiri ukugurisha (HABIMANA J. Bosco) yagiye mu mahanga atarabakorera fagitiri yiyo modoka.
- Amafaranga ava kuriyo Taxi akoreshwa mu guhemba abashoferi b'izo modoka, yakoreshejwe gusana Camion Benne, ndetse yanakoreshejwe gusana Dubule Kabine N° : RR 0913 ku mafaranga angana na 578.000, akanayisana ubwayo, ndetse agasanishwa n'ambulance itwara abarwayi.

Aha rero turibaza ukuntu ayo mafaranga ya Komini yakoreshejwe mu gihe baguraga iyo taxi yazagaruzwa mu mutungo wa Komini.

- Toyota Hilux dubure Kabine N° RR 0913 A yahawe Komini na MINALOC yarakoze impanuka isanishwa na Komini ku mafaranga twavuze haruguru (578.000) ; nyuma yongeye gukora indi mpanuka kuburyo ubungubu yangiritse cyane bakaba ntacyo bayikoresha.

6. Twasanze ba Konseye ba za Segiteri bahabwa za gitansi bagasoresha ndetse bagahabwa 10% kuyo binjiza. Akaba byari uburyo bwo kugirango umutungo wiyongere. Tubagiriye inama yo kubihagarika.

7. **Gusohora amafaranga nta mpapuro zibigenewe** (pièces comptables).

Hari amafaranga yagiye atwarwa na Burugumesitiri ariko ntagaragaze impapuro zerekana uko yakoreshejwe, yavaga mu yo taxi yinjizaga :

**Agaragara akaba angana na :57.072Frw**

103.200Frw yasohotse muri livre Comptable ariko fagitire yerekana : 96.200 . Ntagaragaza icyo 7.000Frw yakoze.

8. Kutishyuza abantu babereyemo Komini imyenda no kudafatira ibyemezo abanze kwishyura (reba lisiti yabo hepfo).

9. Kuba hari ba Percepteurs na ba Konseye bajyana ibitansi bakabimarana igihe kirekire.

**ABO KOMINI IBEREYEMO IMYENDA**

| | |
|---|---|
| I. IBIGO BY'AMASHULI | :325.165Frw |
| II. REGIE DES EAUX | :700.420Frw |
| III. CENTRES DE SANTE : | |
| 1. RUBONA | : 350.000Frw |
| 2. NZIGE | : 398.200Frw |

IV. TAXES PROFESSIONNELLES : 789.684Frw

V. CAISSE SOCIALE : 4è Trimestre 97 +année 1998 (2 trimestres) = **921.415Frw**

**IGITERANYO** **: 3.484.884Frw**

**ABABEREYEMO KOMINI IMYENDA**

| | |
|---|---|
| 1. GATEMBA Alexandre (Bourgmestre) | : 312.000Frw |
| 2. NKURIKIYINKA Augustin (ex.FAB) | : 228.000Frw |
| 3. TWIZEYIMANA Boniface (ex.FAB) | : 431.700Frw |
| 4. KARAKE François (ex. MINIREISO) | : 45.000Frw |
| 5. BAHORWINEZA Pascal (ex.Encadreur | : 7.000Frw |
| 6. MUREBWAYIRE Antoinette (ex. Vétérinaire) | : 119.000Frw |
| 7. MUNGANEZA Emmanuel (ex. Konseye NAWE) | : 50.000Frw |
| 8. GAKWAYA Tharcisse (ex. Konseye RUBONA) | : 24.000Frw |
| 9. MUKAMUZIMA M. Claire (Auxiliaire de Santé NZIGE) | : 20.000Frw |
| 10. GATERA Sylver (ex Brigadier) | : 17.000Frw |
| 11. KARASIRA Vincent (ex.I.P.J) | : 25.000Frw |
| 12. KAYONGA Wenceslas (Secrétaire) | : 10.000Frw |
| 13. TWISINGE (ex.Chauffeur) | : 5.000Frw |
| 14. ABAPOLISI | : 43.000Frw |
| 15. Major KATABARWA (MINADEF) | : 50.000Frw |
| 16. MUHIZI Pascal | : 10.000Frw |
| 17. RUGERINYANGE (ex. Responsable BIHEMBE) | : 96.000Frw |
| 18. GAHAMANYI Félix (FAB Aff. Econom.) | : 69.000Frw |
| 19. NDABARASA Bernard (Agronome) | : 10.000Frw |
| 20. ZANINKA Berancilla (I.G.A) | : 50.000Frw |
| 21. PREFECTURE YA KIGALI NGALI | : 115.000Frw |
| 22. MUGABO GAD (I.P.J) | : 15.000Frw |
| 23. RYUMUGABE Jonas (I.P.J) | : 15.000Frw |
| 24. KARUMIYA Alfred (Chauffeur) | : 45.000Frw |
| 25. IKIGO CY'AMASHULI Y'I KARENGE | : 30.000Frw |
| 26. Kontabure Francis | : 180.000Frw |

N.B (i) Burugumesitiri avuga ko yishyuye amafaranga 180.000 yo kugura intebe ariko nta fagitire yabonetse, Kontabure yemera ko iyo fagitiri yaburiye muri Comptabilité.

Nyuma y'aho twongeye gusanga hari abandi bafitiye imyenda Komini BICUMBI :

**1.** NDACYAYISENGA Gaspard (Ex Konseye MUREHE)

| | | |
|---|---|---|
| Recettes diverses | :0201-0300 du 11 / 12/1996 | :200.000Frw |
| | :50201-5300 (ntiyashoboye kumenyekana) | - |
| Taxes vélos | :57601 - 57700 | : 24.000Frw |
| | :163301-163400 | : 24.000Frw |
| C.P.M | :123501-123600/98 | : 20.000Frw |
| | :126101-126200/98 | : 40.000Frw |
| | :1332501-132600/98 | : 40.000Frw |
| IGB | : 87001- 87100 | : 25.000Frw |
| | :55101-55200 | : 25.000Frw |
| | | **398.000Frw** |

Aha Burugumesitiri avuga ko yasaze afite ayo mafaranga.
Ntabwo yigeze ayatanga.

| | |
|---|---|
| 2. TURATSINZE Gilbert (Ex-Konseye NZIGE) | |
| Recettes diverses :112401-112500 -98 | : 15.500Frw |
| **3.** NIYITEGEKA Alphonse (ex- Chef Gare KARENGE) | |
| Recettes diverses : 108201-108300/98 | : 10.000Frw |
| 4. KARASIRA Vincent (Ex-IPJ) | |
| Recettes diverses : 97801-97900/98 | : 17.000Frw |
| 5. GATEMBA Alexandre | : 40.000Frw |
| | **82.500Frw** |

**Aya yose ntabwo arishyurwa ku mubitsi wa Komini.**

## Inama twagira Ubuyobozi bwa Komini BICUMBI yerekeye gucunga umutungo wayo neza.

1. Abashinzwe icungamari rya Komini bagomba kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga icungamari ry'umutungo wa Komini.
2. Kubahiriza ingengo y'imari yemejwe n'inama ya Komini n'inzego za Perefegitura .
3. Kuzuza ibitabo byose byagenewe icungamari rya Komini.
4. Kudakoresha amafaranga atari yagera mu isanduku ya Komini :
   Urugero : - Amafaranga yakwa Abasoresha na Burugumesitiri batarayageza kuri Komini kandi ntayishyure.
   - Amafaranga aturuka mu mashyamba aba yaragurishijwe agahita ajyanwa muri BCDI kuriha Benne.

5. Turagira inama ubuyobozi bwa Komini yo gufungura Konti muri Banki y'abaturage ya MUREHE aho guhora bapfusha amafaranga ubusa bakodesha

amapikipiki abajyana kubitsa no kubikuza amafaranga i Kigali, ndetse bakajya bahemberwa muri iyo Banki y'Abaturage.

6. Turabagira inama ko amafaranga yose Komini isohora yaba afite impapuro zemewe n'amategeko agenga icungamari (pièces comptables).
7. Nta percepteur ugomba guhabwa igitansi atari yagarura icyo yatwaye mbere.
8. Kubera imikorere y'imodoka idasobanutse, twagira inama Komini ko yasigarana imodoka imwe ya Burugumesitiri. Minibus Hiace itwara abarwayi igahabwa centre de santé ya NZIGE nk'uko Burugumesitiri yabitumenyesheje. Izindi zisigaye zikagurishwa nka camion Benne na Toyota Hilux Double Cabine yangiritse na Minibus Hiace ikora taxi kuko ntacyo zimariye Komini.
9. Turagira inama Kontabure ko yakurikiza amategeko ya Kontabilite igihe cyose yandika mu bitabo by'icungamari , urugero n° ya Konti , libellé.....

## II. IBYEREKEYE ABAKOZI BA KOMINI

Komisiyo yari ishinzwe ubwo bugenzuzi yasanze abakozi ba Komini Bicumbi ari aba bakurikira (k'umugereka w'iyi nyandiko )

Dukurikije amazina y'abantu batanu bavugwa ko baba bafitanye isano na Burugumesitiri aribo :

| | |
|---|---|
| 1.Nzabakurikirana Gaston | : Ex-Recenseur |
| 2.Mukarushema Solage | : Ayobora I.G.A |
| 3.Karumiya Alfred | : Umushoferi |
| 4.Gahamanyi Felix | : Assistant Bourgoumestre |
| 5. Nteziyaremye François | : Kontabure |

Komisiyo yasanze ko muri aba, abafitanye isano nawe ari :

1. **Nzabakurikiza Gaston** : Muramu we, wahoze ashinzwe ibarura muri Komini ubu akaba yarirukanwe n'inama ya Komini kubera ruswa yahabwaga n'abantu bakekwaho ubucengezi , kugirango babone ibyangombwa no guhindura imyaka y'abashakaga gushyingirwa batarageza ku myaka yemewe n'amategeko.

2. **Karumiya Alfred :** N'umushoferi w'ikamyo Benne RR 1262 A akaba nawe ari muramu we. Uretse aba bavuzwe haruguru, twaje gusanga hari undi witwa Nkundabandi Déo, boy- chauffeur wa Kamyo, nawe bafitanye isano.

3. **Kubyerekeye imirimo umugore wa Burugumesitiri yaba yarigeze gushingwa muri Komini** : Komisiyo yaje gusanga ko umugore wa Burugumesitiri yigeze gukora ikiraka cyo gutanga imfashanyo za P.A.M mu gihe cy'amezi atatu ari nayo yamuhembaga.

**Kubirebana n'abakozi birukanwa** : Komisiyo yasanze iyo ngingo ireba aba : Ntakazarimara Tereza, Mutabazi Pascal na Nkurikiyinka Augustin.

**Ibibazo byabo biteye bitya** :

1. ***Ikibazo cya Ntakazarimara Tereza :*** wahoze akora muri IGA, Komisiyo yaganiriye nawe ayibwira ko nta kintu na kimwe cy'ikosa yakoze cyashoboraga gutuma yirukanwa.

Ndetse avuga ko yanatotejwe. Yatubwiye ko kw'italiki 15/5/1997, saa tatu yatewe n'abasirikare, bakamena urugi bakinjira mu nzu bagasaka, ariko ntacyo babonye ndetse nabo ntacyo babatwaye kuko bari basohotse bihishe inyuma y'urugo.

Muri abo basirikare yashoboye kumenyamo **Cpt. KAYIHURA** . Ngo mugitondo agiye gutekerereza Burugumesitiri ibyaraye bimubayeho, yasanzeyo uwo musirikare, amaze kubimutekerereza ngo Burugumesitiri yamushubije ko bishoboka ko yaba yarahishe abacengezi.

Ati : nyuma y'aho nibwo yampaye kujya gukora muri IGA muri Segiteri Nyamateke ariko mubwira ko ntahashobora kubera uburwayi.
Ngo ntiyabyemeye kugeza igihe amutumiye inzandiko zo kwa muganga zemeza ubwo burwayi bwe. Ngo yarazizanye ariko ntiyazemera kandi zatanzwe n'ibitaro bya Leta bizwi aribyo C.H.K.

Ngo kuwa 3/10/1997, yatanze izo mpapuro mu nama ya Komini, ariko nayo ngo aho kugirango imurenganure, yafashe icyemezo cyo kumwirukana. Iyo baruwa yayibonye kuwa 5/12/97.

Nyuma yaho ngo : Ikibazo cye yakigejeje kuri Perefe, abonye atabonye igisubizo akizana muri Minisiteri . Ariko ngo : Kugeza ubu nta mwanzuro arahabwa n'izo nzego zo hejuru.

Burugumesitiri we avuga ko Ntakazarimara Tereza yitwaje impapuro z'uburwayi kugirango yange akazi yari yahawe. Ku bwe abibonamo ***agasuzuguro***. Burugumesitiri yasobanuriye Komisiyo ko yoherejwe gukora i Nyamatete kubera ko nta wundi mwanya wari kuri Komini kandi ko na mbere ya 1994 yakoraga ibirometero 8 kugenda no kugaruka kuva aho yari atuye kugera kuri Komini hareshya naho yari yimuriwe. Ibyo bikaba bitaratumye areka akazi kandi yaratangiye kurwara muri 1988. Ngo : ndetse no muri 1994 yagizwe umusoresha w'amasoko ya NZIGE, RUBONA na NTUNGA kandi ariho harehare.

Komisiyo imaze gusuzuma icyo kibazo yasanze NTAKAZARIMARA Thérèse yaragaragaje ***ubushake buke*** bwo kwitabira akazi yari ahawe kuko atari ngombwa gukorera aho umuntu atuye.

***2. Ikibazo cya Mutabazi Pascal :*** Yahoze ari Assistant wa Burugumesitiri. Kuri iki kibazo Burumesitiri yasobanuriye Komisiyo ko inama ya Komini yamwirukanye kubera imfashanyo y'amasuka yagurishije. Ati : iki kibazo ubu kiri mu maboko ya Parike . Komisiyo yegereye Mutabazi Pascal imubaza uko icyo kibazo giteye . Yemeza ko yakiriye amasuka inshuro imwe gusa yari mu ma karito 98. Ikarito imwe ikaba yarimo amasuka 20. Yose hamwe ni 1960. Ngo : yatanze amakarito 48 gusa. Hanyuma ngo yaje kujya muri Konji yo gushyingirwa, mu gihe atarayirangiza ngo Burugumesitiri amutumaho Agronome wa Komini witwa NDABASABA Bernard, ngo : amuhe imfunguzo za stock y'amasuka undi arazimuha.

Avuye muri konji ngo Burgumesitiri ya muhinduriye imirimo, kuva icyo gihe ntiyongeye kugera muri stock y'amasuka, Burugumesitiri yahamagaje Mutabazi amwereka ibaruwa y'Agronome Ndabasaba Bernard ivuga ko Mutabazi Pascal yasimbuye muri stock y'amasuka , yasanze yaratanze amasuka 514 gusa kandi yose yari 5.570. Mutabazi Pascal yasobanuriye Burugumesitiri ko iby'ayo masuka Agronome avuga atabizi ko we kumakarito 98 yakiriye yatanzeho 48 kugeza ahinduriwe imirimo.

Hagati aho hari umuceri w'imfashanyo wafatiwe i Kabuga hanyuma ngo Burgumesitiri aza gukoresha inama ya Komini, asaba abari bayirimo gushyira umukono ku nyandiko ivuga yuko uwo muceri wari waragurishijwe kugirango amafaranga avuyemo bayashyire mu kigega cy'imfubyi. Mutabazi Pascal na bamwe mu ba Konseye ngo ayo masezerano banze kuyasinya, ngo iyo niyo ntandaro yo kumwijundika bimuviramo kumwirukana, ariko ngo yanze gutanga imfunguzo z'ibiro, atarajya kumenyesha Perefe akarengane ke. Ngo yagiye kubwira Perefe, amubwira kugumana imfunguzo mu gihe agikurikirana ikibazo cye. Kugeza n'ubu niwe ukizifite.

Burugumesitiri ngo yakomeje kumutoteza amwohereza abapolisi bo kumwaka imfunguzo bamushyiraho iterabwoba, ngo akanga kuzibaha. Ngo yakomeje gutotezwa kugeza igihe afungiwe, Burugumesitiri wa Komini na I.P.J. bamujyana kuri Parike i Kigali, ngo yari agiye no gufungirwa kuri gereza ya Kimironko, bitewe ngo n'ubwunvikane bwa Burugumesitiri na Substitut Kalisa, iyo Polokireli ataza kunyuraho agasanga bashaka kumushyira mu modoka ku ngufu, nibwo ngo yamuhamazaga, amubaza ibibazo bye arangije amubwira gutaha.

Komisiyo yabajije Mutabazi Pascal, impamvu ahakana ko yagurishije amasuka kandi hari abiyemerera ko bayaguze nawe, asubiza avuga ko aribyo bamuhimbira (reba kumugereka w'iyi nyandiko, dosiye yakozwe na IPJ wa Komini Bicumbi).

Ku kibazo cyerekeye Sindikubwabo wivugiye ko yari umukozi wo murugo rwa Mutabazi Pascal, kandi wiyemerera ko yajyaga amuha urufunguzo rwa stock agaha abantu yabaga yamweretse amasuka babaga baguze nawe, Mutabazi Pascal yatangarije Komisiyo ko ntabyo yigeze akora ngo kuko Sindikubwabo atigeze aba umukozi we, ngo yamenye ko ari umufundi igihe yari afunzwe amukorera ku nzu ndetse ngo yakoze no kunzu ya Burugumesitiri i Kabuga .

Komisiyo imaze kumva, ibyo Mutabazi Pascal avuga yegereye Sindikubwabo, yiyemerera ko aho ahungukiye avuye muri Zaire yafunzwe ameze 12 akekwaho icyaha cy'itsembabwoko nyuma ngo yaje kurekurwa na groupe mobile basanze ari umwere.

Yemera ko yakoreye ku nzu ya Mutabazi Pascal ndetse n'iya Burugumesitiri kandi ko yabaye umukozi wo m'urugo kwa Mutabazi. Icyo gihe ngo ubwo Mutabazi yajyaga amuha imfunguzo za Stock y'amasuka akayaha abantu babaga bayaguze na Mutabazi. Abo yatubwiye ni aba :

- Rutagengwa yatwaye amakarito 40
- Mugabo yatwaye amakarito 39
- Umucuruzi w'i Rubona atibuka izina watwaye amakarito 19

Nawe Mutabazi yamuhembye amakarito 3 .

Komisiyo yabajije Bizimana Placide wari umuzamu kuri iyo Dépôt y'amasuka akayaha abantu babaga bayaguze na Mutabazi. Abo yatubwiye n'aba :

- Rutagengwa yatwaye amakarito 40.
- Mugabo yatwaye amakarito 39.
- Umucuruzi w'i Rubona atibuka izina amakarito 19
- Nawe mutabazi yamuhembye ikarito 1.

Komisiyo yabajije Bizimana Placide wari umuzamu kuri iyo Dépôt y'amasuka, ayimenyesha ko Sindikubwabo wari umukozi wo mu rugo kwa Mutabazi Pascal yibuka ko yaje enshuro enye agaha abantu yabaga azanye nabo amasuka ngo abitegetswe na shebuja Mutabazi Pascal. Nawe ngo Mutabazi yamuhaye ikarito imwe y'ibihembo.

Komisiyo yashoboye kubona umucuruzi i Nzige witwa Karamuka Canisius yemera ko yaguze na Mutabazi amakarito 5 y'amasuka ku mafaranga 50.000Frw ngo yayagezwagaho n'umukozi wa Mutabazi wo murugo Sindikubwabo.

Komisiyo kandi yanabajije umuparanto wa Komini, Bayisenga André ayitangariza ko Mutabazi atakiriye amasuka inshuro imwe nkuko abivuga ko no ku ncuro ya kabiri ariwe wayakiriye ndetse ngo bayavana mu cyumba cy'inama cya Komini bayapakiye muri Benne ya Komini bayajyana ahari stock, icyo gihe ngo ni Mutabazi wayapakije.

Komisiyo irasanga iki kibazo cya Mutabazi Pascal kiri muri Parike, ku ruhande rwacu biragaragara ko yagize uruhare runini mw'inyereza ry'amasuka. Ariko kandi Bururugumesitiri yagaragaje umwete muke mu gukurikirana inyerezwa ry'amasuka. Urugero : Twavuga ikamyoneti yari ipakiye amasuka yafashwe na Conseiller wa Segiteri Gahengeri, ifitwe na murumuna we witwa RUTAGENGWA ikanarekurwa, Burugumesitiri arabimenyeshwa ntiyagira icyo abikoraho.

***3. Ikibazo cya Nkurikiyinka Agustin :*** Yahoze ari Assistant Burugumesitiri, ubu akora muri National Tender Board, Komisiyo yamubajije ukuntu yavuye ku kazi, abamenyesha ko yakavuyeho ku bwende bwe, ko ntacyo yapfaga na Burugumesitiri.

## II.2. IBYEREKEYE AMASHYAMBA.

Komisiyo igeze muri Komini yakoze iperereza ku byerekeye amashyamba yatemwe n'ibyavuyemo ibona ibi bikurikira :

- Ishyamba ryo muri Segiteri Nzige, Serile Cyerwa ringana na a 40, iri ryatemwe na Burugumesitiri aryigurishije ku mafaranga ibihumbi mirongo inani (80.000Frw). Gitansi iriho izina ry'umugore we. Amafaranga yatanze ayo yishakiye kuko nta muntu wari wabaze agaciro karyo. Ibi Burugumesitiri arabyiyemerera. Ku ruhande rwa Directeur wa Groupe Scolaire ya NZIGE avuga ko iryo shyamba ryari iry'ishuri ndetse arasaba gusubizwa amafaranga yarivuyemo.

- Ishyamba ryo muri Segiteri Gahengeri, Selire Rwarugaju : Iri shyamba n'irya Komini, twagiyeyo dusanga ryaratemwe koko, Burugumesitiri yemeza ko ryatemwe na RURANGIRWA ku amafaranga 400.000Frw yarishyuwe atangwa muri Banki B.C.D.I ariko nta risiti ya Komini yahawe.

- Ishyamba ryo muri Segiteri Bicumbi, Selire Kabacuzi : Iri shyamba ni irya G.B.K. Komisiyo yarigezeho isanga ryaratemeshejwe. Uwitwa Dieudonné niwe waguze 12ha ahawe uburenganzira n'ushinzwe ubuhinzi n'ubworozi mu rwego rwa Perefegitura nk'uko nawe ubwe yabitwemereye. Ntitwashoboye kubona aho ayo mafaranga yishyuriwe.

- Ibiti by'imbago ya Komini : Ibi byatemeshejwe na Agronome, Kontabure wa Komini atanga gitansi yinjira mw'isanduku ya Komini habonetse igitansi kimwe gusa iriho amafaranga 1.600Frw. Ntitwashoboye kumenya ayo baribonyemo.
- Ishyamba rya GBK ryo muri Selire Cyerwa, Segiteri Nzige : ryatemwe n'abasirikare n'abapolisi bari bakambitse kuri Komini, nta faranga bishyuye. Minitrape nayo yatemyemo ibiti byo gutinda ibiraro.

- Ishyamba ryo muri Selire Gisanze, Segiteri Mwulire : Umuturage waho Kambanda yabwiye Komisiyo ko ryatemwe na Burugumesitiri ndetse aribazamo imbaho zo kugurisha. Ariko Burugumesitiri arabihakana akavuga ko ryatemwe n'uwitwa Rurangirwa ariko nta bimenyetso bibigaragaza. Burugumesitiriavuga ko izo mbaho babonye zavuye mw'ishyamba yaguze n'umuhungu wa Munyabuhoro.

- Ishyamba ryo muri Selire Karama, Segiteri Bicumbi : iri shyamba n'irya G.B.K, ariko mbere Komini niyo yaricungaga itaragirana amasezerano na MINAGRI ikaba yararigurishije abaturage. Nta gitansi n'imwe yabonetse. Burugumesitiri avuga ko Chèque zingana n'amafaranga 775.000Frw yari inyishu y'iryo shyamba.

- Ishyamba rya Nzirorera Yozefu riri muri Segiteri Gahengeri : ryagurishijwe na Komini.Burugumesitiri avuga ko ayo mafaranga yashyizwe kuri BCDI kuriha Camion Benne ariko ayo mafaranga yose ntabwo yigeze yinjizwa mu gitabo cy'Umucungamali.

## IV. IBYEREKEYE IBIBAZO BY'ABATURAGE

Komisiyo yagiye muri Segiteri Rubona, iganira n 'abantu baho bavuga ko barenganijwe ndetse bakanafungwa.

Abo ni aba : Kayumba Steven, Gatore, Nzamukosha, Nyirumulinga,
Rwamugabo Aimon, Gatete na Nzaramba.

Aba bose twasanze ari abantu batuye mu mudugudu wa Segiteri Rubona. Ni koko bamwe muri bo barafunzwe, ndetse hari n'abavuga ko bakubiswe na Burugumesitiri nka Nzamukosha na Gatore. Gukubitwa kwabo Burugumesitiri ntabihakana ngo icyatumye abikora nuko bari banze kujya mu modoka, igihe bari bagiye kubafunga.
Inkomoko y'ibyo byose yaturutse kuri Kayumba Steven wari warahawe inzu mu mudugudu, nyuma ngo yaje kujya mu Mutara atindayo, inzu ye, Burugumesitiri ayiha uwitwa Nziramakenga wari ucumbitse kw'isoko ry'i Rubona.

Twabajije uwacungaga iyo midugudu, witwa Yusufu, atubwira ko Kayumba bamurenganije, ngo yamaze mu Mutara amezi abiri gusa kubera ibibazo yari afiteyo. Aho agarukiye yabanye na Nziramakenga muri iyo nzu igihe gito nyuma Burugumesitiri amuvana mo ku ngufu, ajya gucumbika ahandi.

Nyuma yaho, bariya bantu twavuze haruguru baje gutera Conseiller wa Segiteri Rubona bafatanije n'abandi benshi bamubaza impamvu iyo nzu idasubizwa nyirayo. Conseiller yahuruje Burugumesitiri nijoro, birukana abo baturage bari bigaragambije.

Abo bantu bongeye kwikoranya bakura Nziramakenga muri iyo nzu ku mbaraga ndetse n'inzu barayirarira kugirango babone uko bashyiramo Kayumba Steven. Nanone Burugumesitiri yarahurujwe, ndetse ninabwo yafashe icyemezo cyo gufungamo bamwe, ahita asubizamo Nziramakenga. Nyuma y'ibyo ntabwo Kayumba yongeye gusubira muri iyo nzu, yahawe kuva ubwo Nziramakenga burundu.

Komisiyo imaze kumenya ibyabaye byose muri uwo mudugudu, yasanze nta muti wabonetse wo gukemura icyo kibazo kuko hari n'andi mazu menshi abantu barimo mu buryo butemewe kandi yatangwa mu buryo buboneye bigakemura icyo kibazo.

**Twavuga amazu nka :**

<u>N° 66 :</u> Ya Gasana Théobald : yayirindishije uwitwa Kayitaba Didasi ngo ayimucungire kuko atayibamo.

<u>N° 61 :</u> Ya Mukagacinya ufite indi nzu mu mudugudu akaba ubu ayikodesha n'uwitwa Nzaramba Didasi ku mafaranga igihumbi (1000Frw) buri kwezi.

<u>N° 51 :</u> Ya Rutaremara wisubiriye muri UGANDA akaba yarasize ayigurishije n'uwitwa Uwazigira Verediyana kandi bitemewe n'amategeko.

<u>N° 49 :</u> Ya Mukampabuka ufite indi nzu yayirindishije Nyirandanga Jacqueline.

<u>N° 41 :</u> Ya Mbuguje, irakinze nta muntu uyibamo, yibera kw'isambu. Aza rimwe na rimwe kuyisura no kuhakorera isuku.

<u>N° 70 :</u> Ya Sematama Samweli, afite indi nzu kw'isoko, yayirindishije Hitimana Jean Pierre.

N° 29 : Nyirayo yarapfuye, irakinze nta muntu uyibamo.

Komisiyo yaganiriye na Burugumesitiri kuri ibyo bibazo byo mu mudugudu, ayibwira ko atari abizi neza. Twamugiriye inama yo kubikurikirana, akajagari kari muri uwo mudugudu akagerageza kukavanaho.

## V. IBYEREKEYE IMFASHANYO Y'UMUCERI

***Imfashanyo y'umuceri, twayigabanyamo ibice 3 :***

(a) Umuceri wa toni 3 wagurishijwe ku mugaragaro na Komini utanzwe na MIGEFASO; bakaba baragurishije imifuka 51, havamo amafaranga 504.000Frw. Imifuka 9 ntawe uzi irengero ryayo. Yaba ari impamvu yaturutse ku basirikare kuko nabo baritwariraga ku mbaraga ntanuwashoboraga kuwubima iyo Burugumesitiri yabaga adahari. Ariya mafaranga bayashyize mu kigega cy'abatishoboye.

(b) Umuceri wa toni1 wavuye muri MIGEFASO, uhabwa abagore bari bavuye mu ngando, buri muntu yabonye 20kgr.

(c) Umuceri wafatiwe i Kabuga : nkuko byemezwa na Burugumesitiri, inama ya Komini yafashe icyemezo cyo kuwugurisha kugirango amafaranga avuyemo bayashyire mu kigega cy'impfubyi. Umuyobozi wa IGA, Mukarushema Solange niwe washatse umuguzi ariwe Patrice, bumvikana ko umufuka 1 awugura 8.500Frw. Barawupakiye ugeze i Kabuga, utegeka abapolisi mu rwego rwa Perefegitura arawufata, ujyanwa kuri Perefegitura. Burugumesitiri yaje gusobanura ko ari inama ya Komini yafashe icyemezo cyo kuwugurisha. Wagaruwe kuri Komini ariko kubera ko Patrice yari atarishyura, bafashe icyemezo cyo kuwuha abari mu ngando.

Ariko ku rundi ruhande, Mutabazi Pascal avuga ko Burugumesitiri amaze kubona ko umuceri wafashwe, yateranije inama ya Komini kuwa 20/11/1998, asaba ko bashyira umukono ku nyandiko ivuga ko bemeje ko umuceri ugurishwa. Ibi Burugumesiti arabihakana, we avuga ko imigurishirizwe y'uyu muceri yemejwe n'inama ya Komini, nyuma ahabwa uruhusa na Perefe mu magambo.

## VI. IBYEREKEYE UMUSANZU WO GUFASHA IMFUBYI.

Twasuye abantu benshi mu ma Segiteri atandukanye, dusanga koko haratanzwe amafaranga menshi yitwa ayo imfashanyo. Kumenya umubare wayo ntibyadushobokeye kuko ibitansi bayakiriragaho byabaga ari udupapuro dusanzwe bavanaga mu ma cahier babaga biguriye aho babonye na za reçu babaga bishakiye . Habonetse reçu imwe gusa.

Twabonanye na Inspecteur w'amashuli atubwira ko nta mfashanyo abona kandi imfubyi ari nyinshi mu mashuri.

Burugumesitiri yatubwiye ko buri rugo rwayatanze, ariko twaje gusanga ko abacumbitse ahandi batayatanze, tukaba rero twarasanze mu gitabo cyakirirwamo amafaranga, harinjiye 2.885.665Frw ari nayo yasohotse.

## VII. IMIBANIRE YA BURUGUMESITIRI N'ABATURAGE

Twagerageje gusura ama Segiteri menshi, ariko twasanze hatari umwuka mwiza hagati ya Burugumesitiri n'abaturage twabonanye nabo.

Twavuga nk'umupfakazi witwa GATALINA, BARARA na SEBACUZI bavuga ko yabimye amabati yo gusana amazu yabo yashenywe mu gihe cy'itsembabwoko n'itsembatsemba.

Hari inzu yari yubatswe n'amatafari ahiye ya Nyakwigendera GAKWERERE yashenywe ngo bashaka kubaka umudugudu, amatafari yayo atwarwa na muramu wa Burugumesitiri, witwa KARUMIYA Alfred, utwara Benne ya Komini ajya kuyubakisha inzu ye i Kabuga ayatwaye muri iyo Benne n'ubwo we yiyemerera ko yatwaye amatafari y'ibice gusa . N'umucungamari wa Komini yemera ko yafasheho amatafari y'ibice yo gusasa mu nzu ye.

Burugumesitiri we yemeza ko abaturage bo mu mudugudu wa NZIGE batwaye amatafari y'ibice yo gusasa mu mazu yabo yo mu mudugudu.

Twashoboye kubaza umuturage uhatuye witwa KUBWIMANA bakunze kwita Maduduli atubwira ko yiboneye ubwe i kamyo ya Komini itunda amatafari y'iyo nzu, uretse ko atashoboye kumenya aho yayajyanaga.

Hari umuturage witwa NZABONIMANA Agustine, watubwiye ko ahora yihishahisha ngo atinya ko Burugumesitiri yamugirira nabi kuko ngo amufunze

inshuro nyinshi amuhora ubusa. Burugumesitiri we avuga ko yafungiwe ubujura bw'inka.

Hari kandi abavuga ko Burugumesitiri yakingiye ikibaba muramu we witwa Nzabakurikiza Gaston wari recenseur. Ngo yatangaga amarangamuntu mu buryo butemewe ndetse ngo yigeze no kuyiha umurundi kazi witwa CISHAHAYO Adrienne. Ubundi akaziha abatarageza imyaka yo kuzifata hari n'abo yahaye indangamuntu incuro ebyiri , twavuga nka SEBAHAYA Céléstine w'Intunga ubyiyemerera n'undi witwa NZARAMBA Selesitini.

Ibyo byose bimaze kumenyekana, Burugumesitiri yamuhagaritse ku kazi, ariko nta kindi gihano yahawe, ibyo byose bitera umwuka utari mwiza.

Ikindi twashoboye kumenya ni umucuruzi RUTAGENGWA wafatanywe amasuka yuzuye Kamyoneti yagurishijwe bujura, baramureka arayatwara kandi yari yafashwe na Conseiller Didas wa Gahengeri abimenyesha Burugumesitiri ntiyabikurikirana : nabyo biri mu bizana umwuka mubi mu baturage.

Burugumesitiri we avuga ko yabimenye nyuma y'iminsi itatu uwo mujura yaragiye, ariko bitamubuza gukurikiranwa kuko ari umuturage w'iyi Komini ndetse akaba na murumuna wa Konseye wa Gahengeri - BICUMBI.

Assistant wa Burugumesitiri witwa Gahamanyi Felix yafashe Quittancier yiyakira amahoro ageze kuri 69.000Frw, arayarya, ntiyakurikiranwa n'ubu akaba agikora, yemeye icyaha, quittancier arayigarura yemera no kuriha ayo mafaranga.

Nyuma y'aho, Komisiyo yabaruye gitansi zatanzwe dusanga izatanzwe zarakoreshejwe. N'izi zikurikira :

## IX. GITANSI ZASHIZE

| QUITTANCIERS | N° DES QUITTANCIERS | QUITTANCIERS | N° DES QUITTANCIERS |
|---|---|---|---|
| A.I.C (1) | 55351 – 55375 | Taxe Vélo (1) | 66401-66500 |
| (1) | 55426 – 55450 | (1) | 66601-66700 |
| (2) | 055526- 055575 | (1) | 66701-66800 |
| (2) | 019201- 019250 | (2) | 162001-162200 |
| (1) | 032651- 032675 | (6) | 162301-163000 |
| (3) | 032701- 032775 | (1) | 266101-266200 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| (1) | 010026-0110050 | (1) | 266301-266400 |
| (1) | 2501-2525 | (1) | 266001-266100 |
| (2) | 2526-2575 | (1) | 162801-162900 |
| (1) | 2726-2750 | (3) | 163001-162300 |
| (3) | 2626-2700 | (4) | 163401-163800 |
| (8) | 049401-049600 | (1) | 67001-67100 |
| (2) | 044001-044050 | (1) | 67201-67300 |
| (1) | 044076-044100 | (1) | 67501-67600 |
| (3) | 044601-044675 | (3) | 67701-68000 |
| (5) | 044701-044825 | (1) | 280001-280100 |
| (5) | 044851-044975 | (5) | 280201-280700 |
| (8) | 043001-073200 | (1) | 280901-281000 |
| (8) | 072601-072800 | (4) | 57001-57400 |
| | | (1) | 57501-57600 |
| | | (3) | 57701-58000 |
| (6) | 95001-9.5600 | I.G.B/99 (2) | 14301-14500 |
| (1) | 95801-95900 | (1) | 14701-14800 |
| (9) | 56001-56900 | (1) | 14901-15000 |
| (6) | 94101-94700 | (3) | 01201-04500 |
| (1) | 94801-94900 | (1) | 04901-05000 |
| (1) | 96101-96200 | (1) | 14201-14300 |
| (1) | 96301-96600 | (1) | 14001-14100 |
| (1) | 96501-96600 | | |
| (3) | 281101-281400 | | |
| (1) | 281601-281700 | | |
| (5) | 127001-127500 | | |
| (2) | 127601-127800 | | |
| (1) | 127901-128000 | | |
| (10) | 128001-122000 | | |
| (10) | 128001-129000 | | |
| (1) | 125001-125100 | | |
| (8) | 125201-126000 | | |
| (3) | 123001-123300 | | |
| (1) | 123401-123500 | | |
| (4) | 123601-124000 | | |
| (1) | 126001-126100 | | |
| (2) | 126201-126400 | | |
| (6) | 126401-127900 | | |
| (9) | 129001-129800 | | |
| (4) | 129901-130000 | | |
| (1) | 1331001-1331100 | | |
| I.G.B/98 (1) | 25201-25209 | I.G.B/97 (1) | 24701-24800 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| (1) | 87201-87300 | (1) | 24401-24500 |
| (1) | 25501-25556 | (1) | 24201-24300 |
| (2) | 054001-054200 | (1) | 27101-27200 |
| (1) | 87801-87900 | (1) | 24001-24100 |
| (4) | 054201-054600 | | |
| (2) | 054801-055000 | | |
| (6) | 055201-55800 | | |
| (1) | 055901-056000 | | |
| (1) | 25001-25007 | | |
| (10) | 056001-057000 | | |
| (1) | 25401-25500 | | |
| (5) | 26001-26500 | | |
| (4) | 26901-27000 | | |
| (1) | 27001-27100 | | |
| (1) | 87701-87800 | | |
| CPM/97 (1) | 555201-555300 | | |
| (1) | 554301-554400 | | |
| (1) | 555301-555400 | | |
| (1) | 555501-555600 | | |
| (1) | 555701-555800 | | |
| (1) | 555901-556000 | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| CPM/99 (10) | 00001- 01000 | A.B.V.C.M (1) | 17101 -17200 |
| (10) | 17001- 18000 | | |
| ( 9 ) | 25001- 26000 | (1) | 25501- 25600 |
| ( 8 ) | 24001- 25000 | (1) | 24701- 24800 |
| ( 5 ) | 4001- 4500 | (1) | 24801- 24900 |
| ( 1 ) | 27001- 27100 | | |
| ( 5 ) | 27201- 27700 | | |
| ( 1 ) | 26001- 26100 | | |
| ( 1 ) | 26201- 26300 | | |
| ( 1 ) | 26401- 26500 | | |
| ( 3 ) | 26701- 27000 | | |
| ( 1 ) | 96001- 96100 | | |
| ( 1 ) | 16001- 16100 | | |
| ( 1 ) | 16201- 16300 | | |
| ( 4 ) | 16501- 16800 | | |
| ( 1 ) | 16901- 17000 | | |
| I.G.B/99 ( 1 ) | 15301- 15400 | | |
| ( 1 ) | 15501- 15660 | | |
| ( 1 ) | 15901- 16000 | | |
| C.P.M/98 4 | 1332001- 1332400 | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 3 | 1332601- 1332900 | | |
| 1 | 1334101- 1334200 | | |
| 3 | 1334401- 1334700 | | |
| 1 | 1334901- 1335000 | | |
| 1 | 1335201- 1335300 | | |
| 1 | 1335101- 1335200 | | |
| 3 | 1335501- 1335800 | | |
| 1 | 1335901- 1336000 | | |
| 2 | 120001- 120200 | | |
| 1 | 120301- 120400 | | |
| 2 | 120501- 120700 | | |
| 2 | 120801- 121000 | | |
| 1 | 124001- 124100 | | |
| 2 | 124101- 124500 | | |
| 9 | 124601- 124800 | | |
| 1 | 122001- 122900 | | |
| 1 | 1335801- 1335900 | | |
| 2 | 030851-030900 | A.N (1) | 69301-69325 |
| A.B.V.C.M | 034926-035000 | | |
| A.B.V.C.M | 034926-035000 | | |
| 2 | 45076-45100 | (1) | 45451-69325 |
| 1 | 45226-45250 | (1) | 39001-39025 |
| 1 | 881551-881575 | (1) | 39101-39125 |
| 2 | 43551-43600 | 5 | 22201-22350 |
| 2 | 003551-003600 | 5 | 22376-22500 |
| 5 | 43626-43750 | 3 | 22651-22725 |
| 1 | 030826-030850 | 4 | 21001-21100 |
| 1 | 030976-034000 | 1 | 21126-21150 |
| 2 | 057351-057400 | 5 | 23326-23450 |
| 2 | 039876-039925 | 2 | 41726-41775 |
| 1 | 7601-7625 | 3 | 41801-41875 |
| 4 | 7676-7775 | 5 | 4376-43425 |
| 1 | 43501-43526 | 6 | 47176-47900 |
| | | 1 | 37326-37350 |
| A.C 13 | 28376-28400 | 1 | 3732637750 |
| 1 | 28426-28450 | 1 | 41701-41725 |
| 1 | 28476-28500 | 1 | 37276-37300 |
| 1 | 7126-2750 | 5 | 37351-37500 |
| 2 | 18201-18250 | 3 | 12901-12975 |
| 1 | 52026-52450 | 1 | 37351-37375 |
| 1 | 52426-52450 | 6 | 501-650 |
| 3 | 16501-16575 | 1 | 676-700 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | 1 | 16601-16625 | | 1 | 751-775 |
| | 3 | 1001-1100 | | 1 | 0851-0875 |
| | 1 | 1251-1275 | | 1 | 876-900 |
| | 1 | 1301-1325 | | 1 | 0901-0925 |
| | 6 | 1501-15475 | | 1 | 0951-0975 |
| | 1 | 15526-15550 | | 1 | 976-1000 |
| | 3 | 30551-30625 | | 1 | 926-0950 |
| | 5 | 30651-30775 | | | |
| | 10 | 6251-6500 | A.I.C. | 1 | 012401-012425 |
| | | | | 1 | 012451-012475 |
| A.M. | 1 | 3076-3100 | | 2 | 012476-12525 |
| | 2 | 3126-3175 | | 2 | 12601-12650 |
| | 1 | 3226-3250 | | 1 | 046851-046875 |
| | | | | 1 | 69126-69150 |
| INKWANO | 3 | 25701-26000 | | | |
| | 3 | 96501-96800 | | | |
| | 1 | 22901-23000 | | | |
| | 1 | 37001-37100 | | | |
| | 1 | 37701-37800 | | | |
| | 1 | 218801-218900 | | | |
| | 1 | 25501-25600 | | | |
| | 1 | 23401-23500 | | | |
| | 1 | 37001-37100 | | | |
| | 1 | 22901-23000 | | | |
| | 1 | 37701-37800 | | | |

**Recettes diverses :**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 9 | 352001-353000 | | RD zitabonetse |
| 9 | 328001-329000 | | |
| 9 | 106001-107000 | | |
| 5 | 254001-251500 | | |
| 3 | 55701- 56000 | | |
| 1 | 45701- 47900 | | |
| 1 | 47801- 47900 | | |
| 1 | 861901-862000 | | |
| | 0050 - 0100 ? | | |
| 1 | 2301-2400 | | |
| 4 | 98101-98200 | | |
| 1 | 98701-98800 | | |
| 1 | 98801-98900 | | |
| 1 | 98801-99900 | | |
| 1 | 119001-119100 | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1 | 99701- 800 | | |
| 1 | 99901-100.000 | | |
| 1 | 841201-841300 | | |
| 2 | 967501-600 | | |
| | 967901-968000 | | |
| 1 | 841201-841300 | | |
| 1 | 2901-3000 | | |
| 1 | 12840-128500 | | |
| 1 | 86901-86200 | | |
| 1 | 2301-2400 | | |
| 1 | 2301-2400 | | |
| 1 | 1901-2000 | | |
| 10 | 117001-118000 | | |
| 10 | 183001-184000 | | |
| 10 | 118001-119000 | | |
| 10 | 102001-103000 | | |
| 10 | 101001-102000 | | |
| 10 | 116001-117000 | | |
| 9 | 358001-359000 | 1 | 358801-358900 |
| 10 | 124001-125000 | | |
| 9 | 353001-354000 | 1 | 353201-353300 |
| 7 | 373001-374000 | 1 | 373101-373.200 |
| 10 | 256001-257000 | | |
| 10 | 180001-181000 | | |
| 9 | 129001-130000 | 1 | 129501-129600 |
| 9 | 363001-364000 | 1 | 363101-363200 |
| 9 | 60001- 61000 | 1 | 60601- 60700 |
| 10 | 20001- 21000 | | |
| 9 | 375001-376000 | 1 | 375601-375700 |
| 9 | 369001-37000 | | |
| 10 | 109001-110000 | | |
| 8 | 111001-112000 | | 111201-111300 |
| 10 | 338001-339000 | | 111701-111800 |
| 10 | 127001-128000 | | |
| 10 | 114001-115000 | | |
| 10 | 105001-106000 | | |
| 10 | 34001-35000 | | |
| 10 | 104001-105000 | | |
| 10 | 27001-28000 | | |
| 10 | 27001-28000 | | |
| 10 | 362001-363000 | | |
| 10 | 26001-27000 | | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 10 | 109001-110000 | | | |
| 10 | 28001-29000 | | | |
| 10 | 102001-103000 | | | |
| 10 | 244001-25000 | | | |
| 10 | 119101-120000 | | | |
| 9 | 108001-109000 | | (1) | 108201-108300 |
| 9 | 128001-129000 | | (1) | 120401-120500 |
| 9 | 112001-113000 | | (1) | 112401-112500 |
| 10 | 342001-343000 | | | |
| 9 | 349001-335000 | | (1) | 349501-349600 |
| 9 | 337001-338000 | | (1) | 354701-354800 |
| 9 | 354001-355000 | | (1) | 351201-351300<br>351601-351700 |
| 8 | 351001-337000 | | (1) | 336401-336500 |
| 9 | 336001-337000 | | (1) | 350701-350800 |
| 9 | 350001-351000 | | | |
| 8 | 372001-373000 | | | |
| 9 | 365001-366000 | | (1) | 365801-365900 |
| 9 | 355101-356000 | | (1) | 355001-355100 |
| 9 | 110001-111000 | | (1) | 110701-110800 |
| 9 | 359001-360000 | | (1) | 359301-359400 |
| 10 | 370001-371000 | | | |
| 8 | 097001-098000 | | (1) | 097601-97700<br>97801-97900 |
| 8 | 331001-332000 | | (1)<br>(1) | 331101-331200<br>331901-332000 |
| 10 | 108001-109000 | | | |
| 10 | 333001-334000 | | | |
| 10 | 364001-365000 | | | |
| 10 | 113001-114000 | | | |
| 20 | 95001-97000 | | | |
| 30 | 35001-362000 | | | |
| 20 | 340001-342000 | | | |
| 30 | 345001-348000 | | | |
| 10 | 99001-10000 | | | |
| 10 | 22001-23000 | | | |
| 10 | 21001-22000 | | | |
| 10 | 32001-33000 | | | |
| 10 | 23001-24000 | | | |
| 10 | 98001-99000 | | | |
| 10 | 344001-345000 | | | |
| 10 | 368001-369000 | | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 10 | 016001-017000 | | |
| 10 | 017001-018000 | | |
| 10 | 100001-101000 | | |
| 10 | 107001-108000 | | |
| 10 | 018001-019000 | | |
| 10 | 019001-02000 | | |
| 10 | 29001-30000 | | |
| 10 | 33001-34000 | | |
| 10 | 326001-327000 | | |
| 10 | 100001-101000 | | |
| 10 | 125001-126000 | | |
| 10 | 367001-368000 | | |
| 10 | 343001-344000 | | |
| 10 | 348001-349000 | | |
| 10 | 25001-26000 | | |
| 10 | 30001-31000 | | |
| 10 | 103001-104000 | | |
| 10 | 330001-331000 | | |
| 10 | 31001-32000 | | |
| 10 | 371001-372000 | | |
| 10 | 357001-358000 | | |
| 10 | 356001-357000 | | |
| 10 | 101001-102000 | | |
| 10 | 327001-328000 | | |
| 10 | 049001-050000 | | |
| 10 | 048001-049000 | | |
| 10 | 57001-58000 | | |
| 10 | 103001-104000 | | |
| 10 | 59001-60000 | | |
| 6 | 374001-375000 | | |
| 10 | 54001-55000 | | |
| 10 | 126001-127000 | | |
| 9 | 054001-055000 | | |
| 6 | 52001-53000 | | |
| 9 | 53001-54000 | | |
| 8 | 58001-59000 | | |
| 8 | 57001-58000 | | |
| 7 | 53001-54000 | | |
| 8 | 56001-57000 | | |
| 8 | 120001-121000 | | |
| 8<br>10 | 366001-367000<br>105001-106000 | | |

Nyuma twasuzumye imikoreshereze y'imali ya Komini , dusanga harasohotse amafaranga menshi muburyo butazwi.

## X. AMAFARANGA YASOHOWE KU BURYO BUTEMEWE

| Italiki | N° fagitiri | | Ayasohotse | Uzayasobanura |
|---|---|---|---|---|
| 11/4/99 | | | 120.000 | Burugumesitiri |
| 14/7/98 | | BAYISENGA | 600 | Comptable |
| 14/7/98 | | Phographe | 2000 | " |
| 14/7/98 | | carburant KABUGA | 15000 | " |
| 13/7/98 | | Nkundabandi Karumiya Mission | 15.000 | " |
| 13/7/98 | | Nkundabandi Ijeki | 10.000 | " |
| 1/12/97 | 697/97 | 4 pnues | 160.000 | Burugumesitiri |
| 31/5/99 | 250/99 | Courronne de fleurs Muyumbu/enterrement | 40.000 | Burugumesitiri |
| 27/5/99 | 245/99 | Carburant | 3.000 | Comptable |
| 27/5/99 | 246/99 | Muyumbu Génocide | 10.000 | Burugumesitiri |
| 27/5/99 | - | Comptabilisation non Connue | 3.800 | Comptable |
| 26/5/99 | 242/98 | Nkundabandi Carburant Benne | 10.000 | Comptable |
| 26/5/99 | __ | Boissons | 840 | Comptable |
| 24/5/99 | 237/99 | Nkundabandi Benne/Muyumbu | 3.000 | Comptable |
| 24/5/99 | 238/99 | Sebazungu carburant | 20.000 | Comptable |
| 24/5/99 | __ | Carburant | 15.000 | Comptable |
| 26/5/99 | " | Carburant (Paul) | 1.500 | Comptable |
| 25/5/99 | " | Carburant (Agronome) | 3.000 | Comptable |
| 25/5/99 | " | Carburant (Félix) | 900 | Comptable |
| 24/5/99 | 1 lettre | (Karambizi) Bourgmestre | 135.200 | Burugumesitiri |
| 24/5/99 | 239/99 | (Umucanga Muyumbu) Nkundabandi | 20.000 | Comptable |
| 21/5/99 | 232/99 | Carte d'invitation | 28.000 | Comptable |
| 21/5/99 | 235/99 | (Samdy ) Carburant | 3.600 | Comptable |
| 18/5/99 | 229/99 | Malette Omega | 4.500 | Comptable |
| 14/5/99 | 221/99 | (Uwanyirigira Radio) Bourgmestre | 50.000 10.000 | Bourgmestre |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 17/599 | __ | Nourriture | 5.150 | Comptable |
| 17/599 | 220/99 | (Félix) Carburant | 1.500 | Comptable |
| 13/599 | __ | Nourriture | 3.900 | Comptable |
| 11/5/99 | 216/99 | Réparation véhicule | 5.000 | Bourgmestre |
| 11/5/99 | 217/99 | (Uwanyirigira) pièces de réchange | 10.000 | Comptable |
| 12/599 | 219/99 | (Félix) carburant | 1.500 | Comptable |
| 11/5/99 | — | Papier Calendrier | 13.000 | Comptable |
| 7/5/99 | __ | Sebazungu/Nourriture | 4.000 | Comptable |
| 5/599 | 201/99 | Carburant | 5.000 | Comptable |
| 4/5/99 | 196/99 | Théoneste Pièces de réchange | 15.000 | Comptable |
| 3/5/99 | — | Rucekeri Enterrement/Muyumbu | 65.000 | Bourgmestre |
| 30/5/99 | 192/99 | (Nkundabandi) Carburant | 10.000 | Comptable |
| 30/4/99 | __ | Nourriture | 6.000 | Comptable |
| 29/4/99 | — | Avance S /salaire Rukundo | 15.000 | Comptable |
| 29/4/99 | — | Nourriture | 2.000 | Comptable |
| 29/4/99 | __ | Nourriture | 8.900 | Comptable |
| 27/4/99 | 184/99 185/99 | Régularisation salaire 4mois (1-4/99) | 100.000 | Bourgmestre |
| 27/4/99 | __ | Bourgmestre | 20.000 | Bourgmestre |
| 27/4/99 | __ | Avance S/Salaire | 9.000 | Comptable |
| 27/4/99 | — | Conseiller/contrôleurs perception marché | 6.500 | Comptable |
| 26/4/99 | — | Commission de perception permanente | 5.000 | Comptable |
| 23/499 | — | Secrétaire Kayonga W. | 30.000 | Comptable |
| 20/4/99 | 176/99 | Cartouche (Planton) | 10.000 | Comptable |
| 22/4/99 | 179/99 | Cptble/RWANDATEL | 25.000 | Comptable |
| 21/4/99 | Post-it | Martin | 6000 | Comptable |
| 19/4/99 | Lettre | (Bourg) Carburant | 14.000 | Comptable |
| 16/2/99 | 174/99 | Photocopieuse/Entretien | 16.800 | Bourgmestre |
| 14/4/99 | | Muyumbu/inhumation Rucekeri | 218.000 | Bourgmestre |
| 13/4/99 | 165/99 | Elections/Jeunesse | 10.000 | Bourgmestre |
| 13/4/99 | 167/99 | (Mutabazi) Carburant | 6000 | Comptable |
| 8/4/99 | Post-it | crédit divers | 3000 | Comptable |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | dépense divers | | |
| 1/4/99 | Lettre | Fausse écriture | 10.000 | Comptable |
| 27/3/99 | — | Boissons | 5.040 | Comptable |
| 23/3/99 | 156/99 | Carburant | 23.000 | Comptable |
| 22/3/99 | 644/99 | Paraudage ? | 27.000 | Comptable |
| 16/4/99 | 152/99 | Entretien Toyota | 75.000 | Bourgmestre |
| 19/3/99 | 148/99 | (Moto) Comptable | 70.000 | Comptable |
| 19/3/99 | 149/99 | Bourgmestre | 5.000 | Bourgmestre |
| 17/3/99 | — | Kwishyura ishuli/ Rubona | 46.000 | Bourgmestre |
| 16/3/99 | 141/99 | Boissons | 56.800 | Comptable |
| 15/3/99 | — | Accueil abashyitsi | 8.000 | Comptable |
| 9/3/99 | 136/99 | Carburant | 4.800 | Comptable |
| 8/3/99 | 135/99 | Carburant | 9.000 | Comptable |
| 8/3/99 | — | Emprunt Bourgmestre | 70.000 | Bourgmestre |
| 5/3/99 | 133/99 | Carburant (Uwanyirigira) | 14.000 | Comptable |
| 4/3/99 | 129/99 | (Pascal)Transport | 3.000 | Comptable |
| 24/2/99 | 123/99 | Uwanyirigira Avance s/salaire | 30.000 | Comptable |
| 23/2/99 | 119/99 | Régularisation Mbonyi | 39.642 | Comptable |
| 23/2/99 | — | Pompe hydraulique | 100.000 | Comptable |
| 22/2/99 | 118/99 | Carburant Bourgmestre | 14.000 | Bourgmestre |
| 20/2/99 | 114/99 | Mariage | 20.000 | Comptable |
| 19/2/99 | 113/99 | (Pascal) moto | 5.000 | Comptable |
| 17/2/99 | 103/99 | moto | 5.000 | Comptable |
| 17/2/99 | 104/99 | moto | 5.000 | Comptable |
| 19/2/99 | Post-it | Document non comptable | 10.000 | Comptable " |
| 12/2/99<br>10/2/99 | 94/99<br>87/99 | Régularisation Bourg.<br>" | 130.000<br>10.000 | Bourgmestre |
| 10/2/99 | 86/99 | Dépenses diverses | 2.000 | Comptable |
| 9/2/99 | 85/99 | Régularisation Bourg. | 50.000 | Bourgmestre |
| 6/2/99 | 80/99 | Batterie/Bourgmestre | 40.000 | Comptable |
| 29/1/99 | 63/99 | Dette de la Préfecture | 115.000 | Comptable |
| 28/4/99 | — | Réparation véhicule (Alfred) | 50.000 | Comptable |
| 22/1/99 | 1 lettre | Réparation véhicule | 111.000 (S/154.000) | Bourgmestre |
| 19/1/99 | 1 lettre | Avance s/salaire | 10.000 ?<br>20.000 ? | Comptable |
| 14/01/99 | 22/99 | Carburant (Bernard) | 1.500 | Comptable |
| 13/1/99 | 17/99 | (Pascal) pièces de rechange | 67.000 | Comptable |

8

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 8/1/99 | 65/99 | (Planton) reliure | 2.500 | Comptable |
| 7/1/99<br>4/1/99<br>7/199 | 6/99<br>1/99<br>- | (Planton) fraisde mission<br>Pièces de recgange<br>- | 1.800<br>6.500<br>48.000 | Comptable |
| 31/12/98 | 594/98 | Bon de dépense | 14.000 | Comptable |
| 10/12/98 | | Fourniture de bureau | 65.590 | Comptable |
| 21/12/98 | 579/98 | UWANYIRIGIRA Théoneste | 20.000 | Comptable |
| 17/12/98 | 574/98 | Carburant | 5.000 | Bourgmestre |
| 10/12/98 | | Carburant | 5.000 | Bourgmestre |
| 10/12/98 | 552/98 | Acceuil visiteurs | 16.500 | Bourgmestre |
| 10/11/98 | 504/98 | Indemnités de régularisation | 130.350 | Bourgmestre |
| 4/11/98 | 489/98 | 2 serrures et 1 cadenas | 7.500 | Bourgmestre |
| 4/11/98 | 485/98 | Kuvuza Indigeneant | 11.500 | Comptable |
| 28/10/98 | | PRËT NKUNDABANDI | 60.000 | Comptable |
| 26/10/98 | 474/99 | 2 boîtes d'huile hydraulique | 6.000 | Comptable |
| 23/10/98 | 473/98 | Réparation pneu et achat chambre à air | 10.000 | Bourgmestre |
| 23/10/98 | 472/98 | Carburant | 25.000 | Bourgmestre |
| 22/10/98 | 470/98 | Carburant | 5.000 | Comptable |
| 21/10/98 | 468/98 | Benne, carburant &Hydraulique | 15.000 | Comptable |
| 21/10/98 | 467/98 | carburant | 30.000 | Comptable |
| 21/10/98 | 463/98 | Carburant+réparation Benne | 33.000 | Bourgmestre |
| 9/10/98 | 452/98 | Rideaux pour Canton | 37.600 | Comptable |
| Bourgmestre<br>7/10/98 | 449/98 | Transport | 3000 | Comptable |
| 7/10/98 | 448/98 | Carburant+réparation pneu | 10.000 | Comptable |
| 07/10/98 | | Extravagance(Primus+fanta) | 7.700 | Bourgmestre |
| 6/10/98 | 447/98 | Umunsi w'umuco | 32.200 | Comptable |
| 6/10/98 | 445/98 | Carburant | 1.500 | Comptable |
| 31/12/98 | 5 /98 ? ? ? | | 98.575 | Comptable |
| 29/12/98 | 585/98 | | 53.000 | Comptable |
| 7/12/98 | 549/98 | | 50.000<br>210.000 | Bourgmestre<br>Comptable |
| 10/11/98 | 552/98 | | 26.500 | Comptable |
| 12/11/98 | 552/98 | | 26.500 | Comptable |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 13/11/98 | 552/98 | | 26.500 | Comptable |
| 04/11/98 | | | 456.052 | Bourgmestre |
| 6/10/98 | 444/98 | Carburant | 13.600 | Bourgmestre |
| 3/10/98 | | Accueil | 4.260 | Comptable |
| 2/10/98 | 443/98 | Régularisation ,cotation Gaston ZABAKURIKIZA | 5.000 | Comptable |
| 2/10/98 | 442/98 | Commission technique | 6.000 | Comptable |
| 30/9/98 | 438/98 | Réparation Toyota | 30.000 | Comptable |
| 22/9/98 | 432/98 | Entretien Benne | 40.000 | Comptable |
| 21/9/98 | 430/98 | Pascal mécanicien | 50.000 | Comptable |
| 19/9/98 | 429/98 | UWANYIRIGIRA | 5.000 | Comptable |
| 20/9/98 | | Réparation Benne | 38.000 | Comptable |
| 12/9/98 | | Accueil | 6.000 | Comptable |
| 16/9/98 | | Benne | 5.000 | Comptable |
| 12/9/98 | | Réparation pneu Benne | 3.000 | Comptable |
| 11/9/98 | 422/98 | " | -- | Comptable |
| 8/9/98 | 3192 | Réparation Benne | 42.000 | Comptable |
| 4/9/98 | 431/98& 414/98 | Crédit carburant | 7.000 4.500 | Comptable |
| 7/9/98 | 415/98 | Benne | 15.000 | Comptable |
| 31/8/98 | 405/98 | Carburant | 3.000 | Comptable |
| 28/8/98 | | | 5.000 | Comptable |
| 27/8/98 | 403/98 | RWANDATEL | 14.071 | Comptable |
| 19/8/98 | 387/98 | RWANDATEL | 15.000 | Comptable |
| 19/8/98 | 385/98 | Transport ressorts NKUNDABANDI | 5.000 | Comptable |
| 19/8/98 | 284/98 | Achat ressort Benne | 120.000 | Comptable |
| 18/8/98 | 283/98 | Carburant | 15.000 | Comptable |
| 18/8/98 | 381/98 | Nourriture | 1.500 | Comptable |
| 18/8/98 | 380/98 | Carburant | 12.000 | Comptable |
| 10/8/98 | 369/98 | Changement batterie Benne | 5.000 | Comptable |
| 4/8/98 | 364/98 | Achat 9,5 paniers tomates | 28.800 | Comptable |
| 4/8/99 | 360/98 | UWANYIRIGIRA Carburant | 9.000 | Comptable |
| 31/07/98 | 358/98 | Carburant générateur NGIRUMPATSE | 6.000 | Comptable |
| 28/7/98 | 358/98 | Guhemba umukozi | 3.500 | Comptable |
| 28/7/98 | 350/98 | Accuéil | 26.400 | |
| 28/7/98 | | Camion Kanombe – abanyururu | 50.000 | Comptable |
| 28/7/98 | | NKUNDABANDI | 15.000 | Comptable |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | Carburant Benne | | |
| 27/7/98 | | UWANYIRIGIRA Curburant | 10.000 | Comptable |
| 25/7/98 | | (Pascal) INGANDO | 137.500 | Bourgmestre |
| 25/7/98 | | NKUNDABANDI – Benne Carburant | 34.500 | Comptable |
| 25/7/98 | | Guhemba Conseiller 2 jours (Gare) | 3000 | Comptable |
| 24/7/98 | | PRUSKA | 80.000 | Comptable |
| 17/7/98 | | BAYISENGA Mission | 1.200 | Comptable |
| 17/7/98 | | Bourgmestres | 10.000 | Bourgmestre |
| 17/7/98 | | MUTABAZI | 5.000 | Comptable |
| 16/7/98 | | UWANYIRIGIRA | 2.000 | Comptable |
| 15/7/98 | | UWANYIRIGIRA | 2.000 | Comptable |
| 14/7/98 | | UWANYIRIGIRA | 2.000 | Comptable |
| 14/7/98 | | BAYISENGA | 600 | Comptable |
| 14/7/98 | | Photographe | 2000 | Comptable |
| 14/7/98 | | Carburant KABUGA | 15.000 | Comptable |
| 14/7/98 | | (NKUNDABANDI) Carburant | 2000 | Comptable |
| 13/7/98 | | (NKUNDABANDI) ijeki | 10.000 | Comptable |

<u>N.B</u> : Aya mafaranga 2.368.202 yasohotse ntampapuro zibisobanura, turasaba Burugumesitiri gutanga ibisobanuro byayo .

Aya nayo 2.675.168 turasaba comptable kuzayatangaho ibisobanuro.

# XI. INVENTAIRE

## 1. INVENTAIRE DES QUITTANCIERS

| QUITTANCES | N° DES QUITTANCIERS | MONTANT |
|---|---|---|
| (1) | 367801-367900 | 15050 Frw |
| (1) | 366501-366600 | 23.600 |
| (1) | 364001-364100 | 19.200 |
| (1) | 366701-366800 | 10.400 |
| (1) | 367301-367400 | 10.000 |
| (1) | 366601-366700 | 14.000 |
| (1) | 366901-367000 | 10.000 |
| (1) | 365601-365700 | 22.000 |
| (1) | 368601-368700 | 10.000 |
| (1) | 367401-367500 | 10.000 |
| (1) | 368501-368600 | 10.000 |
| (1) | 368801-368900 | 22.650 |
| (1) | 369401-369500 | 20.050 |
| (1) | 369301-369400 | 16.900 |
| (1) | 369301-369400 | 20.000 |
| (1) | 368401-368500 | 17.600 |
| (1) | 373401-373500 | 10.700 |
| (1) | 373501-373600 | 10.000 |
| (1) | 373301-373400 | 10.500 |
| (1) | 373601-373700 | 10.200 |
| (1) | 370501-370600 | 26.700 |
| (1) | 370601-370700 | 20.800 |
| (1) | 370401-370500 | 25.900 |
| (1) | 368701-368800 | 25.600 |
| (1) | 373701-373800 | 15.600 |
| (1) | 374301-374400 | 10.000 |
| (1) | 374201-374300 | 10.000 |
| (1) | 366201-366300 | 25.750 Frw |
| (1) | 365201-365300 | 20.250 |
| (1) | 365301-365400 | 26.000 |
| (1) | 365401-350500 | 22.100 |
| (1) | 364601-364700 | 21.150 |
| (1) | 367101-367200 | 24.200 |
| (1) | 367001-367100 | 29.850 |
| (1) | 350601-350700 | 28.550 |
| (1) | 365901-365999 | 29.500 |

| | | |
|---|---|---|
| (1) | 364901-365000 | 10.000 |
| (1) | 364801-364900 | 10.000 |
| (1) | 364701-364800 | 10.000 |
| (1) | 365001-365100 | 10.000 |
| (1) | 364301-364400 | 27.100 |
| (1) | 364401-364500 | 34.300 |
| (1) | 363001-363100 | 22.600 |
| (1) | 369101-369200 | 23.900 |
| (1) | 3664801-366900 | 2.000 |
| (1) | 372101-372200 | 10.000 |
| (1) | 3672001-3672100 | 11.800 |
| (1) | 366801-366900 | 25.300 |
| (1) | 368001-368100 | 10.200 |
| (1) | 365501-365600 | 23.750 |
| (1) | 369601-369700 | 19.550 |
| (1) | 369701-369800 | 23.300 |
| (1) | 370301-370400 | 10.900 |
| (10) | 370001-3701000 | 10.000 |
| (1) | 364501-364600 | 25.150 |
| (1) | 369201-369300 | 35.400 |
| (1) | 37101-371200 | 19.450 |
| (1) | 366801-366900 | 27.300 |

## II. UMUTUNGO WA KOMINI

Twakurikiranye umutungo wa Komini dusanga Komini ifite ibi bikurikira : (Inventaire physique) :

1. Amakamyoneti abiri (imwe ntikora yarapfuye)
2. Imodoka itwara abarwayi (ambulance)
3. Imodoka itwara abagenzi(taxi)
4. Ikamyo nini (ben), iri muri garage
5. Ipikipiki, yarapfuye
6. Amagare ane (4)
7. Ibyuma bifotora bibiri (Photocopieuse)
8. Imashini ya kabuhariwe (ordinateur), irarwaye.
9. Imashini zibiri nzima zandikishwa intoki n'iyindi imwe yapfuye
10. Intebe ndende 24 (bancs)
11. Intebe ntoya 42 (chaises)
12. Amameza 31 (tables)
13. Etagères 16
14. Inzu Burugumesitiri abamo
15. Inzu ya F.A.B bacumbitsemo, ariko ubundi ni Cantine

16. Inzu nini Komini ikoreramo
17. Inzu nini urukiko rukoreramo
18. Amazu abiri afungirwamo abagororwa
19. Amashyamba angana na Ha 570,4

**IBIROMBE**

Hagaragaye ibirombe byinshi bibumbirwamo amatafari muri Rugende n'ahandi, ariko hishyuwe kimwe amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50.000Frw).

**UMUSANZU W'AMASHULI**

Ababyeyi bo muri Komini Bicumbi bemejwe gutanga umusanzu wo kubaka amashuli. Ntabwo twashoboye kumenya amafaranga batanze kuko ibitansi byakiririrwagamo amafaranga ntibyashoboye kumenyekana kuko bimwe byaguzwe na Burugumesitiri mu maduka, akaba adashobora kumenya umubare w'ibyo yaguze. Bakanavuga ko iyo byashiraga na Konseye yashoboraga kwigurira ibindi akabyakiramo uwo musanzu.

Muri make ibyo twashoboye kubona, twasanze nabyo barabikoreshaga kwishyura indi myenda ya Komini idafite aho ihuriye n'ibikorwa by'amashuli.

| | | | |
|---|---|---|---|
| Urugero : | 1) Amafaranga | 120.000 | yishyuwe Electrogaz |
| | (2) Amafaranga | 120.000 | yishyuwe Telefoni |
| | (3) Amafaranga | 30.000 | yishuwe imodoka |
| | (4) Amafaranga | 11.500 | yakirijwe Perefe |
| | (5) Amafaranga | 250.000 | yishyuwe Benne kuri BCDI |
| | (6) Amafaranga | 24.000 | yasannye cantine |
| | **Yose hamwe :** | **555.500** | |

Aya yose ntabwo Komini yashoboye kuyasubiza kuri wa musanzu ngo azakoreshwe icyo yari agenewe (kubaka amashuli y'abana).

Duteranije iyo misanzu yose, ariyo bise « yo gufasha imfubyi » ari n'ayo « kubaka amashuli » twasanze harabonetse amafaranga angana na 7195.200 Frw ariko hasohotse 7.088.915Frw.

Ayo yose yasohotse akoreshwa ibikorwa bitandukanye nk'ibyo twagiye tuvuga hejuru. Hakaba haragombaga gusaguka amafaranga angana na 106.285Frw ariko bavuga ko nayo ntayahari, ngo bagiye bayaguriza abakozi kandi kugeza n'ubu ntarishyurwa.

## UMWANZURO

Abagenzuzi b'Ubutegetsi bw'Igihugu bafatanyije n'Abagenzuzi b'Imali n'Umutungo w'Uturere hamwe na Superefe ushinzwe Ubukungu na Tekeniki waherekejwe na Abagenzuzi b'Imali n'Umutungo ba Perefegitura ya Kigali Ngali bakoze muri Komini BICUMBI.

Ibyo bahabonye byanditse muri iyi raporo irambuye :

- Ku byerekeye Imicungire y'Imali n'umutungo bya Komini BICUMBI : twasanze itari myiza kuko hagaragaye igihombo n'amafaranga asohoka ku buryo butajyanye n'amabwiriza. Kandi n'amafaranga asohorwa agakora ibyo atagenewe mu ingengo y'Imali.
- Ku byerekeye Ubutegetsi bwa Komini muri rusange, ni bwiza uretse ko hari bamwe mu baturage bagiranye na Burugumesitiri amakimbirane abandi ngo yanze kubafasha kandi batishoboye abandi bakavanwa mu milimo. Naho inama Komisiyo yagiriye Komini ni :

  - Kwita kuri buri gikorwa cyazamura umutungo wa Komini aho kuwuhombya nka camion Benne ihari ubu.
  - Gukosora imicungire y'Imali n'Umutungo bya Komini mu buryo bujyanye n'Amabwiriza n'Amategeko. Umucungamali agiriwe inama yo kujya yandika nomero kuri fagitiri na « bon de dépense » kugira ngo bimufashe kuzuza neza ibitabo by'Ubucungamali bwa Komini.
  - Burugumesitiri agiriwe inama yo kujya akurikirana uburyo Umucungamali acunga umutungo no gukurikirana abantu bafitiye Komini imyenda. Byaba ngombwa bagashyikirizwa ubucamanza.
  - Komini ifite imyenda myinshi ndetse harimo n'iya Leta, na ay'isanduku y'ubwiteganyirize bw'abakozi. Agiriwe inama yo gushaka uburyo bayishyura atababana menshi cyane.
  - Kontabure agiriwe inama yo kwikubita agashyi akandika ibitabo bye mu buryo nyabwo bukurikije amabwiriza y'imyandikire y'ibitabo by'ubucungamali (Comptabilité propre).

## VIII. INGORANE

Dushingiye kuri iri genzura ryakozwe muri Komini BICUMBI, twagiye duhura n'ibibazo bitari bike :

- Twagiye tugera ku kazi dukererewe kubera impamvu zo kubona imodoka bitugoye.
- Twakoze twirwanaho ku giti cyacu kuko nta mafaranga y'ubutumwa twari dufite. Tukaba dusaba ko ubutaha ibyo bintu byakosorwa.
- Igihe twahawe cy'igenzura muri Komini Bicumbi ntabwo gihagije, ntitwashoboye kugera muri Segiteri zose kandi byari ngombwa. Hari abantu benshi tutashoboye kubona, nabo kandi bikenewe.
- Hari Quittancier nyinshi tutashoboye kugenzura kuko zari hirya no hino mu ma Segiteri tutashoboye kugeramo.

Bikorewe i BICUMBI, kuwa 9/7/1999

**Abagize Komisiyo**

MUGABO Faustin
SEMATUNGO Samuel
NSENGIYUMVA Charles
MUKIGA Bernard

KANAMUGIRE Joseph
MURINDABIGWI Raphael
RUHAYA John
RUTAYITERA Charles

**ABAYOBOZI BA KOMINI BICUMBI**

Burugumesitiri wa Komini

**GATEMBA Alexandre**

Umucungamari wa Komini

**NTEZIYAREMYE François**

REPUBULIKA Y'U RWANDA ... COMMUNE BICUMBI

CONFIDENTIEL

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE**
**IBIRO BY'IPEREREZA**

**Kigali, le 07/05/1999**
N° 101/03.3.3

28-05-99

**Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe**
**KIGALI.**

**Impamvu:** Imikorere mibi ya Burugumesitiri wa komini Bicumbi.

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,

Imicungire n'imiyoborere y'amakomini yagombye gushingwa abantu bazwiho ubwitange, ubushishozi n'ubupfura, ikaba ari nayo mpamvu hakorwa isuzuma ryabo mbere yo kubemerera gupiganirwa uwo murimo w'ubuyobozi. Hari bamwe bagiye bihisha mu ruhu rw'intama kandi ari ibirura bikazagaragara nyuma bageze ku mwanya bifuzaga nk'uko tubyerekwa n'urugero rw'imikorere ya GATEMBA Alexandre, umuyobozi wa Komini Bicumbi.
Imyitwarire n'imikorere ye nk'umuyobozi yaranzwe n'ibintu bine bikurira:

1)Kubaka akazu mu buyobozi bwa Komini akoresha icyenewabo mu kazi;
2)Gucunga nabi umutungo wa Komini;
3)Kwirukana abakozi cyane cyane abo akeka ko bavuga amakosa ye;
4)Ruswa no kudakemura ibibazo by'abaturage.

1.*Icyenewabo mu kazi*

Kuva yatangira kuyobora Komini Bicumbi mu w'1995, Burugumesitiri GATEMBA Alexandre akoresha icyenewabo mu gutanga akazi muri Komini.Ibyo bigaragazwa n'izi ngero:

-Uwitwa Nzabakurikiza Gaston ,muramu wa Burugumesitiri, yahawe akazi ko kuyobora imirimo y'ibarura muri Komini. Mu gihe yakoraga uwo murimo yagaragayeho kurya ruswa mu baturage no kwandikira interahamwe ibyangombwa.
Ayo makosa yose ntiyayahaniwe ahubwo Burugumesitiri yamuhaye kumucungira "Station" ya Lisansi yubatse ahitwa i Karenge muri Bicumbi.

CONFIDENTIEL

-Umugore wa Burugumesitiri witwa BUKURU Jeanne yamushinze:
- Kwakira imfashanyo z'abagiraneza,
- Gucunga "Stock" ya Komini,
- Gutanga imfashanyo afatanyije n'ushinzwe MIGEFASO muri Komini witwa MUKARUSHEMA Solange.

Iyi mirimo yayishinze umugore we kugirango bimworohere kunyereza imfashanyo z'abaturage. Muri iyi minsi ako kazi yakamukuyeho amwohereza gukora imirimo y'ubucuruzi ahitwa mu Gahoromani.

- Uwitwa KARUMIYA Alfred ,muramu wa Burugumesitiri,niwe Shoferi wa kamyo Beni ya Komini akayisimburanaho na murumuna wa Burugumesitiri witwa NKUNDA.

- Uwitwa GAHAMANYI Felix,mubyara w'umugore wa Burugumesitiri yagizwe umufasha wa Burugumesitiri ushinzwe ubukungu na tekiniki.

- Uwitwa NTEZIYAREMYE, ukomoka hamwe na Burugumesitiri akaba n'inshuti ye niwe ukora akazi ka "comptable" wa komini bagafatanya mu gukoresha umutungo wa komini uko babyumva.

2. *Gucunga nabi umutungo wa Komini*

Ubusanzwe Komini Bicumbi izwiho kuba ikize cyane, kuko yera kandi ifite abaturage bakunda kwitabira imirimo y'ubuhinzi, ubworozi n'ubucuruzi.
Umutungo wa komini ukomoka mu baturage ucungwa nabi, aha twavuga nk'imodoka za Komini n'imicungire y'amafaranga.

Komini Bicumbi ifite imodoka eshanu arizo:
- "Camionnette double cabine",
- "Camionnette simple cabine",
- Imodoka yagenewe gutwara abagenzi (taxi minibus),
- Imodoka yagenewe gutwara abarwayi (Ambulance),
- "Camion Ben"yaguzwe mu nguzanyo ya BCDI.

"Camionnette double cabine" ubu yarapfuye kubera gukora akazi kenshi katanajyanye n'imirimo ya komini kandi yakwangirika ntikoreshwe ku gihe. Ubu bayihagaritse mu rugo kwa Burugumesitiri .

Imodoka y'abarwayi yari yaguzwe mu mafaranga y'umusanzu w'abaturage, Burugumesitiri yayigize iyo kugenderamo none ubu yarapfuye na yo ihagarikwa iwe mu rugo.

Imodoka ya "taxi minibus" yo yari yagenewe gutwara abagenzi ikinjiza amafaranga yo gukoresha izindi modoka ndetse no kuzigurira lisansi. Kugeza ubu ariko imikoreshereze y'amafaranga yinjizwa n'iyo taxi ntisobanutse kuko imodoka zipfa ntizikoreshwe.

Imodoka ya "Camion Ben" icungwa na muramu na murumuna ba Burugumesitiri yinjiza umutungo ariko ukaba ibanga ryabo na Burugumesitiri kandi ikomoka ku nguzanyo ya BCDI igomba kwishyurwa.

Amashyamba ya komini ari muri za segiteri Bicumbi, Muyumbu, Mwurire, n'imitungo y'abantu badahari nka SEMANZA Laurent, wigeze kuba Burugumesitiri wa komini Bicumbi, NZIRORERA Joseph, HABYALIMANA Juvénal, wahoze ari Perezida byose yabigize ibye.

3) *Kwirukana abakozi bidakurikije amategeko*

- Uwitwa NTAKAZARIMARA Thérèse, wari umukozi wa komini yirukanywe ku kazi arengana mu 1997. N'ubwo urwego rwa Perefegitura ndetse na MININTER bandikiye Burugumesitiri bamusaba kurenganura uwo mukozi, kugeza ubu yarabyirengagije.

- Uwitwa NKURIKIYINKA Augustin wari umufasha we ushinzwe ubutegetsi n'amategeko, Burugumesitiri yabonyeko agenzura amakosa ye yo kunyereza amafaranga ya komini n'amashyamba, atangira gushaka uburyo bwo kumwikuraho. Hashize iminsi Burugumesitiri yategetse ko batazongera kumuhemba kugira ngo azibwirize asezere. Ntibyatinze uyu NKURIKIYINKA yibonera akazi mu kigo cy'igihugu gishinzwe imisoro arigendera.

4) *Kudakemura ibibazo by'abaturage no kurya ruswa*

Burugumesitiri GATEMBA Alexandre avugwaho gukoresha igitugu no guteranya abaturage. Uwitwa KAYUMBA Steven yari yarahawe inzu yo guturamo mu mudugudu wa Rubona, Burugumesitiri yarayimwambuye ayiha Sebukwe NZIRAMAKENGA Charles kandi asanzwe afite isambu n'inzu muri selire Kabatasi, segiteri Rubona. Byatumye abaturage bo muri uwo mudugudu bigaragambya, bamwe muri bo Burugumesitiri arabafunga. Yafunze GITORE, NZAMUKOSHA, NYIRUMURINGA na RWAMUGABO Simon. Hari n'abandi baturage bo muri uwo mudugudu Burugumesitiri atoteza avuga ko bazi ubwenge akaba aribo bagira inama abandi; ubu bafite ubwoba ko yazabagirira nabi, abo baturage ni GATETE Gérard na NZARA.

Mu mitegekere mibi ya Burugumesitiri GATEMBA, harimo kandi kurya ruswa agakingira ikibaba abicanyi.
Abaturage bashinje ubwicanyi uwitwa RWIRAHIRA David wahoze ari konseye wa segiteri Nzige, akorerwa dosiye na IPJ witwa KARASIRA Vincent. Burugumesitiri yumvikanye na RWIRAHIRA David amuha miliyoni 3 ayagabana na IPJ maze idosiye barayirigisa . Nyuma ariko ntibyabujije RWIRAHIRA gufatwa no gufungwa.

Burugumesitiri GATEMBA Alexandre wa komini Bicumbi mu gihe cyose amaze ayobora iyo komini yagaragaje ubushobozi buke buvanze no kurarikira kwigwizaho umutungo. Akwiriye kuvanwa k'ubuyobozi bw'iyo komini hagashyirwaho Burugumesitiri ushoboye kwitangira Komini no kuyiteza imbere.

Komini Bicumbi ikwiye gukorerwa igenzuramutungo rirambuye abagaragaweho kunyereza umutungo bakabiryozwa.

CONFIDENTIEL

Urwego rwa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu rushinzwe igenzura ry'imikorere y'amakomini na ba Burugumesitiri rukwiye kurushaho kwitabira uwo murimo mu gihugu hose.

Itangwa ry'akazi muri Komini ryari rikwiye kugira amabwiriza rigenderaho kuko mu makomini menshi hakunze kugaragara itangwa ry'akazi rihereye ku cyenewabo, ubucuti n'inyungu za Burugumesitiri aho gushyira imbere ubushobozi.

Mbifurije kubyakira neza.

**NTAKIYIMANA Emmanuel**
**Umuyobozi Mukuru w'Ibiro by'Iperereza.**

Bimenyeshejwe :
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
KIGALI.

CONFIDENTIEL

REPUBULIKA Y'U RWANDA

PEREFEGITURA YA KIGALI NGALI
B.P 82 KIGALI

# RAPORO KU MIYOBORERE YA KOMINI BICUMBI

Hashize igihe havugwa ikibazo kijyanye n'imiyoborere muri Komini **BICUMBI**, cyane cyane hashyirwa mu majwi Burugumesitiri w'iyo Komini mu bibazo bijyanye n'ubuyobozi rusange, umutungo ndetse n'imibanire ye n'abaturage. Iyi raporo igamije kugaragaza bimwe mu byakurikiranwe ndetse n'inama yatangwa.

Ibibazo bivugwaho ni ibi :

- **UBUYOBOZI**
- **IBIBAZO BY'ABATURAGE**
- **ABAKOZI BA KOMINI**
- **UMUTUNGO WA KOMINI**
- **UMWANZURO**

## I. UBUYOBOZI

Komini BICUMBI ni Komini ihuriwemo n'abantu bava imihanda yose. Ni Komini kandi yari ifite umwihariko wo gucumbikira abatezaga umutekano muke muri aka karere ko hagati ka Perefegitura ya KIGALI NGALI. Ubuyobozi bwa Komini n'izindi nzego zibishinzwe bihatiye kandi bashobora kurwanya icyo kibazo cy'umutekano muke, ku buryo ubu cyasaga n'aho cyagabanutse ndetse gishobora no kurangira burundu. Nyamara hakunze kuboneka ibibazo by'interahamwe n'abacengezi ndetse n'abajura barimo cyane abitwaje intwaro twasanze biganjemo abahoze mu ngabo (deserters, demobs, abatawanyika…) inzego zose zikomeza kurwanya. Ubuyobozi bwa Komini muri rusange bugera mu turere twose, kandi ubu birarushaho kugenda neza, usibye ko habanje ihuzagurika cyanbe mu gushyiraho abayobozi b'inzego z'ibanze hatabagamo ubushishozi.

## II. IBIBAZO BY'ABATURAGE

a. *Ibibazo bijyanye na genocide* : Hari dossier ndende yerekeranye n'abashinjana genocide muri segiteri BIHEMBE irimo abitwa MUGIRANEZA, GERERO Audace, MUNYANDAMUTSA (BNR) inavugwamo Burugumesitiri wa BICUMBI ngo wigeze kujya akingira ikibaba MUGIRANEZA waba yaramucururizaga ikawa. Iyi dosiye iri muri Parike ya KIGALI ariko yateje umutekano muke mu karere.

Burugumesitiri we uruhare rwe muri yo n'ubwo ruvugwa ntirugaragara. Ibi biracyakomeza.

b. *Ikibazo cy'abacitse ku icumu* : Burugumesitiri wa Komini BICUMBI afitanye ikibazo cyihariye n'abacitse ku icumu bavuga ko abatoteza abahora ko bashinja ababiciye, ngo baramusenyera Komini. Nyamara ariko nabo bavuga ko ari indonke abona mubo akingira ikibaba zibimutera : ingero ni nyinshi, muri zo nka NIYONSENGA wo muri GAHENGERI wacitse iwabo kubera gushinja uwahoze ari konseye wa GAHENGERI witwa GATARE waje gufungirwa genocide. Avuga ko n'ubu Burugumesitiri akimuhiga. Undi n'uwitwa NZABONIMANA Maritini nawe uraraguzwa ngo agahigwa bukware na Burugumesitiri kubera ko yishyuza abo yita ko ari inshuti za Burugumesitiri ibyo bamuririye mu ntambara, mu gihe Burugumesitiri avuga ko yiba inka,…n'abandi benshi. Ibi ndetse n'ibindi bihora bivugwa mu bazanye ibibazo, ndetse biranandikwa mu binyamakuru…

c. *Guhangana n'abacitse ku icumu kwa Burugumesitiri wa BICUMBI* byanagaragariye mu mihango yo gushyingura abazize itsembabwoko n'itsembatsemba yabereye ku muyumbu muri Mata 1999, aho yateranye amagambo na Padiri Eustache BUTERA ukomoka iyo nawe wacitse ku icumu wabimucyuriye mu ruhame. Burugumesitiri we iyo ubimubajije avuga ko bamwishyizemo kandi bamubeshyera.

Aba rero bavuga ko abatoteza, arengera abagizi ba nabi akoresha ku nyungu ze, bamuha inka cyangwa amafaranga, ntabitaho mu miturize kandi abanyaga ibyabo nta ndishyi : cfr uwitwa UMURAZA Clarisse c/o MANUMETAL (15/6/1999) urega Komini kunyaga ibye, isambu n'imyaka bigakatwamo imidugudu ntanabonemo inzu, nta n'inshumbushanyo….

d. *Raporo zihariye z'umutekano nazo zigaruka kuri iki kibazo*, nk'iya PPC KIGALI NGALI yo kuwa 15/12/1998 yavugaga umwuka mubi mu baturage barega Burugumesitiri gukingira ikibaba abashinjwa genocide, ababashinja bagakurikiranwa ; imfashanyo zinyerezwa (amabati, ibiribwa), ndetse no kutumva abaturage Burugumesitiri ahugiye mu bimufitiye akamaro.

e. *Ibibazo by'abandi baturage bijyanye cyane cyane n'imidugudu* : aba barinubira ko abambura ahantu akahashyira umudugudu nta nyishyu y'ibyangijwe, ndetse nta n'inshumbushanyo (urug : umuryango wa HAKIZIMFURA w'i KARENGE watemesherejwe kawa 1350, babaza akanabima ibyemezo bya komini ngo bafate pansiyo ya se ubu ufungiye KIMIRONKO). Ku midugudu usanga umurongo Komini igenderaho udafututse kuko muri raporo bavuga ko abaturage aribo babigena bakumvikana (ibaruwa ya 2/7/1999), nyamara hari aho inama ya Komini isa nifata ibyemezo ku ngufu (urug : icyemezo cy'inama ya komini yo kuwa 10/9/1999 cyo gutema ikawa muri segiteri NYAKARIRO). Akajagari kandi karangwa mw'isaranganywa ry'amazu bavuga ko ahabwa abifite bayarindisha abakene, nyamara aba ari nabo bayakeneye ntibarebwe n'irihumye.

## III. IBIBAZO BY'ABAKOZI BA KOMINI

a. *Ikibazo cya NTAKAZARIMANA Thereza* : Muri rusange, ubwumvikane buke hagati ya Burugumesitiri na NTAKAZARIMARA nibwo bwateye uriya mudamu gutsimbarara yanga aho bamwohereje, kurusha uburwayi. Nta bushake na buke yigeze yerekana bwo gukora ngo nibura bimunanire asabe kudohorerwa, dore ko atigeze anajya na busa aho bamwohereje, nyamara ingendo yirirwa akora hirya no hino ziruhije kurusha urwo.

kujya ku kazi ke. Yiyemeje rero guhangana acicikana mu nzego z'ubuyobozi ndetse n'izindi nk'iz'uburenganzira bw'ikiremwa-muntu. Iyi ngeso ikaba atari nziza, kabone n'iyo yaba yitwaza ko afite ukuri.

Inama y'umutekano ya Komini BICUMBI yagiye imufatira ibyemezo by'agateganyo, ahubwo Burugumesitiri aba ari we ufata umwanzuro burundu wo kumuhagarika kuri 5/12/1997 ngo ashyira mu bikorwa ibyemezo transitoires by'inama. Namugiriye inama yo kuba amusubije ku kazi bigasobanuka nawe aratsimbarara ukabona ko ari kwa guhangana nawe yahisemo, ari nabyo bituma uriya mudamu amubonamo umwanzi umutoteza (reba ibaruwa ye yo kuwa 22/4/1999).

Ndasanga gusubiza ku kazi uriya NTAKAZARIMARA ntacyo byamarira Komini BICUMBI, ukuyeho kwimakaza umuco wo guhangana n'amatiku. Mbona ikiza kurusha ari ukumuha ibya ngombwa yemererwa n'amategeko agahagarikwa burundu kuko n'ubundi ntacyo yamarira Komini nk'umukozi wayo muri uriya mwuka.

b. <u>*Ikibazo cya MUTABAZI Pascal, Fonctionnaire Assistant du Bourgmestre wa BICUMBI*</u> : ntiriwe njya muri détails z'imikorere ye na Burugumesitiri, nzi neza ko babanje gukorana neza ahubwo ukabona ko hari icyo bapfuye, niba atari ariya masuka ubwayo. Ubwanjye mbona harimo responsabilité partagée itazanatinda kugaragara Parike nirangiza iperereza ryayo.

Ikigaragara no mu maraporo ni uko Pascal afitanye isano n'inyerezwa ry'amasuka. Nyamara na Burugumesitiri yamwatse imfunguzo ntiyakora remise et reprise ngo arebe stock irimo mbere yo kuyishinga undi, ubona bisa nk'aho byagizwe nkana, dore ko kuva aho amwakiye izo mfunguzo tariki ya 7/9/1998, Mutabazi yashinjwe ayo masuka bwa mbere tariki ya 20/11/1998, ikibazo kijya mu nama ya Komini tariki ya 26/3/1999. Ndasaba Parike kwihutisha imirangirize y''ki kibazo bidakomeje kuzarira.

## IV. UMUTUNGO WA KOMINI

Byasesenguwe bihagije nmuri raporo yakozwe n'abagenzuzi ba Perefegitura bafatanije n'aba Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu. Impungunge zikomeye nazigize ku mikorere y'imodoka Kamyo igomba kwiyishyura n'imikoreshereze idahwitse ya taxi. Nasabye kenshi raporo zabyo ntazibona. Kuri kamyo mbona ko habaye ubushake buke kuko mbona isa n'aho itari yishimiwe. Kuri taxi byo byari bigenderewe kugirango ijye imara imanza nk'imishahara y'abashoferi n'ibindi…

<u>*Umuceri wafatiwe i KABUGA*</u> : Burugumesitiri yangejejeho ingorane zijyanye n'igabanywa ry'uwo muceri ndetse ko nta n'icyo wamarira abawuhawe, ambwira ko inama ya Komini yateranye ikemeza igurishwa ryawo, mubwira ko nanjye iyo principe nyemera niba yarumvikanyweho, ibi byose ntibyashyizwe mu nyandiko. Byaba byarabaye mbere cyangwa nyuma y'ifatwa ry'uwo muceri sinabigenzuye, ariko aho ufatiwe nemeje ko bawusubiza Komini noneho ukagabanywa uko byari byagenwe mbere.

<u>*Amafaranga « 115.000 » Perefegitura ya KIGALI NGALI*</u> ivugwa ko ibereyemo Komini BICUMBI yishyuwe tariki ya 17/3/1999 kuri chèque n°.790227 BCR. yanditse ku izina rya Komini BICUMBI.

REPUBLIQUE RWANDAISE
Préfecture KIGALI

## V. UMWANZURO

a. *Ku buyobozi n'ibibazo by'abaturage*: Komini BICUMBI ni Komini ituwe n'abantu banyuranije kandi baturutse imihanda yose, bityo kugira ubuyobozi harmonisé bikaba ariyo nshingano ya mbere y'umuyobozi. Burugumesitiri rero ntiyabishoboye n'ubwo yagerageje ku bijyanye n'umutekano mu bihe bikomeye. Inama yagirwa ni ukubanza kunoza imikoranire n'inzego zose kuri komini (hakunze kurangwamo urwikekwe) no mu masegiteri, parallèlement akegera abaturage bose cyane abamubonamo kubatoteza no kubogama. Agomba kandi kwemerera abaturage uruhare rwabo (participation) kandi ntakoreshe répression ihahamura abaturage.

b. *Ku icunga mutungo* : Imicungire y'imali ya Komini ntiyakorewe mu mucyo (transparence), ndetse hari n'aho ibisobanuro bitaboneka : imikoreshereze y'imodoka kamyo na taxi. Komini ifite umutungo uhagije watuma inakungahara aho guhora irwana no kwegera nduzi ko atari kugera kuri prévisions budgétaires. Komini yagombye ko kwigirira imishinga igaragara, atari uguhora barwana n'imari ya fonctionnement gusa. Aha rero habaye uburangare n'umwete muke ku bayobozi. Hagomba gukosorwa. Komini izagenzurwa kurushaho inagirwe inama y'imicungire myiza.

c. *Muri rusange ibibazo muri komini BICUMBI byagira igaruriro*, kuko ubona byose bishingiye kugushaka no kwitanga kw'abayobozi. Iyi komini kandi initabirwa cyane n'abaterankunga kubera ko yegereye umugi wa Kigali kandi nta bibazo by'umutekano yagize cyane nk'uturere tw'amajyaruguru, ahubwo usanga aritwo tuyanduza kubera inkomoko y'abayituye bava iyo hari umutekano muke.

Masaka, tariki ya 28 Nzeri 1999

**GASAMAGERA Wellars**
Perefe wa Perefegitura ya KIGALI NGALI

REPUBLIQUE RWANDAISE
Préfecture KIGALI